

UBUMANA BUSOBANUWE

 Urakoze, Mwene Data Carlson. Ndabaramukije mwese bavandimwe mukorera Uwiteka. Ni i...Gusa rimwe na rimwe numva ntashaka kubyuka, iyo ndimo kumva ubuhamya buhebuje, n'ibindi, nk'uko nabigenje muri iki gitondo. Hanyuma, umuturage mugenzi wawe mu bubabare no gutotezwa, nk'uko mwene Data w'Umubatisita na mushiki wacu byabagendekeye; kuba mbere u—u Umubatisita, nyewe ubwanjye, Umumisiyoneri w'Umubatisita, no—no kumenya icyo bivuze mu gihe abantu bawe...

² Nari mfite ikintu kimwe. Ubwoko bwanjye bwite bwarampindutse, batekereza ko banshyira ku ruhande kuko nari nataye umutwe. None narabimenye, kandi mu bisanzwe nabivuzeho mu buryo bwo kuzengurukamo gato, “Niba narataye umutwe, nimundeke mbe nyenyine, 'kubera ko nishimye muri ubu buryo kuruta uko nari meze ngifite ibitekerezo byanjye bizima.” Ubwo rero ni ubwoko bwa filozofiya ntoa mfashe, iyanjye bwite. Kandi—kandi rwose narabyishimiye—iki gihe cyo kubaho muri ubu buryo.

³ Kandi Itorero rito rya Kristo mwene Data uri hano, nk'uko dusanzwe tubivugaho, cyangwa Campbellite. Kandi ndibuka ko rwose bari bananijwe cyane n'amateraniro igihe twatangiraga. Ariko, murabizi, twari dufite umuntu umwe witwa Pawulo igihe kimwe nawe ni ko yari ameze, nuko ahinduka umwe muri twe. Rero, ibyo ni ukuri. Ntekereza ko ubusanzwe bashaka kumenya ubuzima mubayeho. Murabizi, ni byiza kubaho imibereho y'ikibwiriza kuruta kukimbwiriza, igihe icyo ari cyo cyose. Ndi...

⁴ Igihe cyashize, umukozi ukomeye, mwiza wuzuye-Ubutumwa bwiza, mwese—mwese muramuzi, ngira ngo, ni Revera. Booth-Clibborn, abwiriza Ubutumwa bwiza mu ndimi ndwi zitandukanye. Ni umunyabwenge gusa. Kandi numvaga ko...Ni intiti. Kandi igihe kimwe twari turimo dutemberana, we na mwene Data Moore hamwe nanjye, twari turimo kuganira ku bintu runaka. Kandi nari mfite uruhande rutandukanye n'urwe, nuko aranyitegereza. Aravuga ati: “Nta n'ubwo uzi Bibiliya yawe.” Uzi uburyo Mwene Data Booth ashobora kubivuga.

⁵ Ndavuga nti: “Ni byo, Mwene Data Booth, ariko Umwanditsi wayo ndamuzi neza.” Nanjye rero nda—ndashaka...Murabizi, kutamenya ko Ijambo rye ari Ubuzima, ariko, “We kumenya ni bwo Buzima.” Ni byo. Murareba? Niba nzi Ijambo Rye; iyaba We namumenyaga gusa! Kandi ibyo rwose ni Ukuri.

⁶ Muri iki gitondo, nari mfatanye urunana hano mu busabane bwiza, bw'abakozi. Kandi kwicara hano hari hari ibi. . . Ntabwo nshaka gutuma umuntu uwo ari we wese agira urwikekwe. Ariko uyu mugabo w'umwirabura arinjira, mwene Data, yicara hariya. Nabwiye umunyamabanga wanjye hano nti: "Hariya hari Umukristo yawe."

⁷ Unyibukije cyane Umusaza Smith wahoze ari mw'Itorerero ry'Imana muri Kristo, ndizera. Nakundaga kubabwiriza inshuro nyinshi ariya hepfo iwabo, kandi—kandi gusa nshobora kongera kumubona. Yajyaga gusa n'uyu mwene Data uri hano, gusa yari afite igisa n'ubwanwa bw'imvi bumanutse ku matama. Ninjiye mu muryango w'inyuma, kandi sinzigera nibagirwa invugo umusaza yakundaga kuvuga; murebe, kandi abera bose kuba barimo kuririmba, murabizi, kandi hariya hari umwana w'umukobwa, wakoreshejwe, yicaye mu mfuruka. Indirimbo nakunze cyane yari *Nashyirwe hejuru*. Bose bakoma amashyi, imyambarire y'Abapentekote, murabizi, *Nashyirwe hejuru*. Barankunze, kandi nanjye ndabakunda. Kandi iyo twinjiye (Yakundaga kwicara hariya, n'umutwe umeze *gutya*, ku meza, akabareba gusa, murabizi.), aravuga ati: "Injira, muzehe. Bika ingofero yawe." Oya, "Wowe yibikire." "Bika ingofero yawe."

⁸ Mwene Data hano; rero, namenye, ko umwe mu baririmbyi b'indirimbo z'Imana nkunda ari umugore we. Nuko nkora ibishoboka byose, kugira ngo mbone uko aririmba. Hanyuma, ubwo, yasabye kudahamagarwa, kandi nzi icyo bivuze. Ariko ngiye kumutumira ku giti cyanjye, niba abishoboye, naze hano aririmbe.

⁹ Ni byiza, nturi mushiki wacu waririmbye—waririmbye ngo, *Ubwato Ahoy*, igitondo kimwe ku Bagabo b'Abakristu b'Abacuruzi, nonaha? [Mushiki wacu ati: "Yego mugenzi. Yego."—Ubwanditsi.] Nizere ko umugore wanjye ari hano kuri iki cyumweru, ndashaka ko akumva, kuko nakwirataga cyane. Niba kandi ubuze ibyo kuri kaseti, tugiye kubikemura. Nkunda uko kuririmba neza.

¹⁰ Kandi, nakundaga kubwira abantu, sini—sinigeze nshobora kuririmba. Yoo, mbega, nari muri miliyoni y'ibilometero kure yabyo. Ariko ndavuga nti: "Niba hari igihe ujya mw'Ijuru ukaba mu ngoro yawe nini, urabizi, hejuru Aho," Ndavuga nti: "manuka hepfo y'umusozi, usubire mu mashyamba ari aho inyuma, hari akazu gato kahashinzwe. Ako kazaba ari akanjye. Kandi kimwe muri ibi bitondo iyo usohotse ku rubaraza ukumva umuntu uhagaze aho, aririmba agira ati: 'Ubuntu butangaje! mbega amajwi meza, yakijije ishyano nkanjye!' Uravuga uti: 'Imana Ishimwe! Umusaza mwene Data Branham amaherezo yarayikoze.'" Azaba ari njye ndi hariya nteze amatwi, ngerageza kuririmba.

¹¹ Ku bavandimwe banjye b'Abakristo, no kuri...Nizera ko mwene Data umwe yamutweretse, muri iki gitondo, nk'umuvugabutumwa wa Buda, uri hano. Ndakuramukije, nshuti yanjye y'agaciro. Kandi hari ibikorwa byinshi, bitari byinshi cyane, nakoranye n'abantu b'Ababuda; cyane cyane muri Kanada, mu Bashinwa, aho usanga bakundana cyane kandi binejeje.

¹² Ndibuka umugabo muto w'Umubuda wo mu rusengero rwa Buda, yinjiye mu nama ya Winnipeg, kandi yari impumyi. Ni abantu bato cyane, banejeje, kandi rwose bizeraga ko Imana ari yo ikiza. Mu gihe yari arimo kumusengera, yari arimo gusubiramo, uburyo yakundaga Imana, nuko amaso ye ahumukira icyarimwe, muri...Kandi ibyo byari i—ikintu cyiza cyane. Rero, tu—turashimira buri mugabo na buri muntu wese.

¹³ Ubu, ntabwo nigeze ngira ayo mahirwe mbere, i Chicago, yo kugerageza kuvuga...Ni ayahe, sinashoboraga kugerageza kuzana ubutumwa runaka, kubera ko abakozi b'Imana bari hano bashoboye cyane kuzana ubutumwa, kundusha. Ariko, kandi nyuma ya byose, ntabwo uri hano kugira ngo wumve ubutumwa. Ariko natekereje ko hashobora kuba igihe cyiza cyane nshobora guhura n'abakozi b'Imana b'i Chicago, hano muri kano karere, kugira ngo ndusheho kubamenya nabo, kandi turusheho kumenyana. Kandi rwose ndashimira Uwiteka kubw'aya mahirwe. Kubera ko, ninjiye muri uyu muji inshuro nyinshi, munsu y'ubufasha bw'itorero rimwe, no mu Bagabo b'Abacuruzi b'Abakristo b'abaterankunga; kubw'ibyo, nta mahirwe nahawe yo kuvugisha iryo shyirahamwe rya bene Data.

¹⁴ Nuko—nuko ndatekereza, kandi hari ibintu byinshi bihora bikurikirana umurimo nk'uyu, by'ibyinjira n'ibisohoka, ibyo hejuru no hasi, kugeza ubwo rimwe na rimwe byorohera umuntu mu kubigiraho ishusho mbi. None ndashaka gufata iyi minota mike iri imbere kugira ngo ngerageze gusobanura kandi—kandi mubisobanurire bene Data, mu buryo busobanutse nk'uko nzi kubikora.

¹⁵ Ntabwo—ntabwo nihagije kandi sinshobora gukora i—ikiganiro cyasa nk'aho cyumvikana ku bantu bize. Ntabwo nize, kandi ibyo ni byo nabuze. Ariko nari...nkunda Uwiteka. Kandi Uwiteka yampaye, wenda, ubundi buryo bwo kwigarurira imitima, n'impano y'Imana, kugira ngo ishobore kuziba icyuho cy'ibyo ababyeyi banjye batashoboye kumpa, uburezi. Nkomoka mu umuryango ukennye, ugizwe n'abana icumi, na papa urwaye, ku bw'ibyo sinabonye amahirwe yo kwiga. Noneho rero, ariko, nkivuka, hari ikintu cyabaye ku...uburamba hamwe n'Imana, kuri mama na data. Kandi mwasomye inkuru y'amateka yanjye. Kandi, kubw'ibyo, ndagerageza gushyira mu gice cyanjye, hamwe n'abavandimwe, gukururira abanyabyaha kuri Kristo. Noneho njye...

16 Ntabwo ndi umuntu uziririza. Ariko buri gihe, mbere yo gufungura Ijambo, nkunda kuvugana n'Umwanditsi gato. Mureke twongere twunamishe imitwe umwanya muto.

17 Data wa twese w'igicro cyinshi, uri Imana yacu, kandi turakwiye gereje kubw'ubutumwa bwiza. Ndi hano imbere y'abana Bawe, abapasitori Bawe, n'abavandimwe bameze nk'ab'ukwizera kw'agaciro. N'ukuntu binkora ku mutima kumva aba bagabo bumviswe nabi, kandi baroherejwe mu bigo, kubw'Ubwami bw'Imana; reba uko Urimo guhamagara abana Bawe mu minsi ya nyuma.

18 Kandi twizera rwose, Data, ko turi ku musozo w'isiganwa. Nk'uko umuhanuzi yabivuze ati: "Hazaba Umucyo mu gihe cyo ku mugoroba." Kandi twizera uyu muni ko turi abakwirakwiza b'uru Rumuri rukomeye rw'Ubutumwa Bwiza, kubw'ubuntu Bwawe, Watwemerereye ko uzabana natwe kugeza ku mpera z'isi, aho ubu bubyutse bwageze.

19 Kandi ndasenga, Data, kugira ngo, mbikuye ku mutima, Unyemerere ngire icyo mbwira bene Data, muri iki gitondo, ikinshishikaje ni intego y'ubuzima bwanjye kuri Wowe, kugira ngo basobanukirwe. Biduhe, kugira ngo tugire urukundo rwuzuye, n'ubusabane, n'ubufatanye-hagati yacu, mu bikorwa byose by'Ubutumwa bwiza. Kubera ko tubisabye mw'Izina rya Yesu, We wasenze kugira ngo tube umwe, nk'uko We na Se bari Umwe. Kwizera ibi, ko, "Ku bw'Ibi abantu bose bazamenya ko muri abigishwa Banjye, mu gihe mufite urukundo, umwe ku wundi." Amina.

20 Noneho...Kandi nizeye ko ntabemerereye bene data bashiki banjye, kubw'ibi. Ariko ntekereza ko nifuza kwisobanura neza, kugira ngo mutazumva iby'undi yavuze. Kandi narabisobanuye, inshuro nyinshi, mu yandi materaniro y'ubutumwa, ariko ni ubwa mbere ninjiye mw'itsinda rya Chicago, kandi ndashaka kwimenyekanisha neza, mu byo ngerageza gukora.

21 Mw' ivanjili ya Kera y'umugisha hano, mu igice cya 26 cy'Igitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa, reka dusome:

Mwami Agripa, mperako sinanga kumvira ibyo neretswe byavuye mu ijuru:

22 Birumvikana ko ibi ari byo Pawulo avuga. Ni inde, twese, nk'abakozi, dukunda kumugarukaho, kuko ari...Twebwe, twemeranya ko yari intumwa y'itorero ry'Abanyamahanga, ko Imana yamuhamagaye kuba u—umuhamyi w'Abanyamahanga. Kandi umurimo we wari wibajijweho.

23 Kandi mu bisanzwe, ikintu cyose kidasanzwe ni ko kimera, cyibazwaho. Ni ibyo, kandi ndatekereza ko bitarenze uburenganzira; bigomba gushidikanywaho. Kandi ndatekereza ko abapasitori hari igihe bakekwaho ku—ku bintu bumva, kandi ngira ngo bafite uburenganzira bwo kumera gutyo. Kubera

ko, niba numva ubusemuzi by'ijambo *pasiteri*, risobanura u “umwungeri.” Kandi, rero, ni u—u—ugaburira, cyangwa umwungeri, w'itsinda ry'abagabo n'abagore uwo Umwuka Wera wagize umugenzuzi wabo. Kandi afite uburenganzira bwo kumenya ibiryo intama ze zibona, n'aho biva. Ntekereza ko abifiteho uburenganzira.

²⁴ Niba kandi umushumba, cyangwa rimwe na rimwe abantu, bisa nk'aho bbafite urwikekwe, ibyo ntibikora, nta na rimwe, ntibigomba kubabaza umuntu. Bikwiye kuzana gusa icyubahiro ku mutima w'umugabo, ku mugabo umwe muri bo, uhagaze, ushobora kubyibazaho. Kandi, erega, niba utazi neza ko uri ku murongo wabyo neza, ni gute ushobora kugenda kubwo kwizera?

²⁵ Niba ushyize mu bitekerezo byawe...Noneho, ibi bisa nk'aho ari ubumenyi nyamuntu; bishobora kuba ari ibyo, kandi ni ibyo, ariko ni byiza. Ariko wowe rwose, bivuye ku mutima wawe, wagira ngo ntuzigera uzamurwa ku meza, birashoboka ko utazabikora. Murareba? Ufite...Ibyo biroroshye gusa.

²⁶ Ugomba kwizera. Ugomba kugira ukwizera. Ugomba kugira icyizere. Ni gute ushobora kugira ibyiringiro mu bintu ibyo ari byo byose wowe—utanazi aho ugana? Ni gute nshobora kugenda mu muhanda ntigeze ngendamo mbere, n'umuvuduko ukabije, kandi hirya no hino hari amakorosi, ntazi icyo nahura na cyo ku murongo ukurikira? Ugomba kureba aho ugana, atari ibyo uba utazi kugenda. Kandi n'uburyo abantu bose bagomba kumera. Noneho iyo ubishoboye, urabibona, biraguhishurirwa, kandi umenya aho ugana, noneho nta kintu kigiye kuguhagarika.

²⁷ Kandi ibyo, ngira ngo, Pawulo, ni byo yashakaga kugeraho hano kuri Agiripa. Ibyo, we—yarababwiye ngo: “Igihe kimwe nari umwe muri mwe.”

²⁸ Kandi ndakeka ko, ahari, niba—niba uyu mwene Data w'Umubatisita, ashobora kujya mu rusengeri rw'Ababatisita muri iki gitondo, we n'umugore we, ibyo wenda byaba ari ubuhamya bwabo. “Njye—nigeze kuba umwe muri mwe.”

²⁹ Cyangwa, Itorero rya Kristo, cyangwa mwene Data w'aba Campbellite hano, yari gusanga be—be bene wabo. Nizera ko byitirirwa izina ryiza; Abigishwa ba Kristo, barabyitwa, ariko mu by'ukuri ni inyigisho za Alexander Campbell. Noneho Itorero rya Kristo ryagukuyemo, kubera umuziki. Ni byo, si byo? Niba kandi ashobora kongera kudasanga, yari kuvuga ati: “Nigeze kuba umwe muri mwe.”

³⁰ Nuko Pawulo asubira hano ku Mwami Agiripa, na Fesito, maze arababwira ati: “Nigeze kuba umwe muri mwe. Nari Umufarisayo w'Abafarisayo.” Yigiye muni y'ibirenge bya Gamaliyeli, umwarimu ukomeye, kandi yari azi amategeko yabo yose, ndetse n'ibyo bizera n'ibyo batizera. Ati: “Ndetse natoteje Itorero ry'Imana kugeza gupfa.” Murareba? Aravuga ati: “Ikintu nyine ndimo kubazwa, Nari umuntu utoteza.”

³¹ Kandi buri gihe natekerezaga ko urupfu rwa Sitefano rugomba kuba rwageze kuri Pawulo, kuko ubwo yitegerezaga isura nziza iri mu maso ya Sitefano. Amaze kureba hejuru, maze agaterwa amabuye kugeza apfuye, aravuga ati: “Ndabona Yesu ahagaze iburyo bw’Imana.” Kandi murabizi, ushobora kwica intumwa, ariko ntushobora na rimwe kwica ubutumwa bwayo. Kandi ubutumwa, n’ubwo Sitefano yagiye guhagararana na Yesu, nyamara, ubutumwa bwe bwaratinze, ‘kuko Pawulo yakomeje kubivuga, kandi, rero, ni umwe “byibuze” muri bo, kandi ntiyari akwiriye kwitwa atyo, kuko yari yariboneye kandi—kandi atanga uburenganzira bwe bwo gutoteza uyu muntu wubahaga Imana.

³² Kandi rero, Pawulo, kimwe n’abantu bose mbere y’uko abantu bakora, Pawulo afata ibye—uburambe bwe, bwo hambere, kuva yatangira, kugeza ku cyo yari cyo; hanyuma akabishyiraho ashingiye ku Byanditswe, kugira ngo yerekane ko ibyo yakoraga byari Ibyanditswe. N’ubwo byari binyuranye n’imyizerere yabo, ariko yaberetse ko ari Ibyanditswe.

³³ Kubw’ibyo, ndatekereza ko twe...Ikintu cyose, nk’uko nakunze kubivuga, bavandimwe, mwebwe abari mu materaniro, ibyo, niba narigeze mbona aho bavuga ibintu bitari Ibyanditswe, noneho ndatekereza ko ari ukuri...cyangwa undi mwene data uwo ari we wese, dukwiye kuza umwe ku wundi tukavuga tuti: “Ibyo ntaho tubisanga muri Bibiliya,” murabona. Niba biri muri Bibiliya, mushobora kugira ibisobanuro bitandukanye; ariko, ni ho biri, niba biri mu Byanditswe byera, ni byiza.

³⁴ Noneho, Pawulo yatangaga ibisobanuro bye ku byo umuhanuzi yavuze, ibyo Mose yavuze, byari gusohora. Ahura na Yesu mu nzira, mw’iyerekwa. Yesu aramuhamagara.

³⁵ Ni iki, ntibyari bikwiye kuba ikintu kitoroshye kuri bariya Bayahudi, nk’uko yabivuze, “Benshi mu banyacyubahiro Fesitus,” na—n’abandi, ku buryo...“byaba ari ikintu kidasanze kuri mwebwe, ko Imana yazura abapfuye?” Murareba? “Kubera ko niba uzi icyo Imana yagarutseho hariya, ni ku—ku Byanditswe, rwose mwamenye ko ashoboye kuzura abapfuye.”

³⁶ Hanyuma aravuga ngo: yari yarabahaye uburambe mu nzira ye yerekeza i Damasiko, ku byabaye, ko, kugira ngo babamenyeshe ko uyu Yesu ko—ko barimo guteza imvururu nyinshi kuri we abwiriza, yari Imana nyine bakoreraga igihe cyose. Kubera ko, Yari mu butayu hamwe nabo, Ni inde wabayoboye, kuba urumuri; umuriro, Inkingi y’Umuriro yabayoboye. Kandi abonekera Pawulo mu kintu kimwe, Umucyo wongeye kumuhuma. Arabaza ati: “Uri inde, Mwami?”

³⁷ Na we ati: “Ndi Yesu, uwo urenganya. Kandi biragoye gusasa imigiri.”

³⁸ Kandi yagerageje kubasobanurira ibyo ari byo, kandi—kandi yagerageje kubigisha ko, ibyo yerekanaga ku bantu, byari, ngo: “Yesu Kristo yari Mesiya,” kandi ko, “Yari yarapfuye, none Imana ikaba yaramuzamuye.” Kandi ibyo byari bikurikije Ibyanditswe. Kandi ibyo, “Noneho yari yazamutse Hejuru, ku Mana Data,” kandi—ko yari umuhamba w’izuka Rye. Kandi, ibyo, bitangaza, n’ibimenyetso, n’ibikomeye, byari ibidasanzwe imbere y’abantu, ntabwo byari igishya ku bizera nyabo, b’Ibyanditswe, kuko Bibiliya yari yarabivuze.

³⁹ Musubize amaso inyuma mu bahanuzi, uko byahanuwe, hamwe n’igihe Mesiya azazira, n’icyo azakora, “Uwamugaye azasimbuka nk’imparage,” muri Yesaya 35 n’Ibyanditswe bitandukanye yashoboraga kuvuga. Ntabwo dufite ibyanditswe hano, ariko birashoboka ko twasubira inyuma tukabivuga mw’ijambo rye rigufi imbere y’abami; kubera ko, birashoboka ko batari kumwihanganira nk’uko muri kumwe nanjye. Noneho, hanyuma ya—yari arimo kubisobanura, agerageza kubabwira ko Imana nyine bakoreye . . .

⁴⁰ Hanyuma, na none, ati: “Mu buryo bwitwa *ubuyobe*,” ni byo, “umusazi,” murareba. “Inzira yitwa ubuyobe, ni yo nzira nsengamo Imana musenga.” Murareba, “Mu buryo bwitwa ubuyobe.”

⁴¹ Nzi neza ko, uyu muni, niba duhagaze hamwe n’itorero twahoze turimo, nka Peresibiteriyani, Abanyagatolika, Ababatisita, n’abandi batandukanye, twavugaga ubuhamya bumwe ku bantu bavugaga ko bashakaga, nko, gushyira mwene Data mu byumba by’ubuvuzi bw’indwara zo mu mutwe, cyangwa ikindi kintu nk’icyo. “Mu buryo bwitwa ubuyobe, ni bwo buryo nsengamo Imana ya ba sogokuruza.”

⁴² Mbega ubuhamya bukomeye bwari imbere ya Agiripa, ndetse no mu biganiro bye, Agiripa ararangurura cyane, ati: “Pawulo, Sawuli, uri hafi kunyemeza kuba Umukristo.” Murareba, uburyo, yazanye Ibyanditswe bisobanutse neza, nyamara bitandukanye n’isinagoga ye. Ariko Ibyanditswe byari bisobanutse neza, kugeza ubwo yavuze ati: “Uri hafi kunyemeza ngo mere nkawe.”

⁴³ Pawulo ati: “Nkwifurije kuba, rwose, gusa sinshakaga ko uba muri iyi minyururu ndimo,” murabona, ariko kuba uwizera nk’uko yari ameze. Mu yandi magambo, niba ari . . . “Nifuje ku Mana ko wabona ihishurirwa nk’u—nk’uko ndibona.” Mu yandi magambo, “Njye—Nkwifurije kubikora.” Murareba? “Ndabikwifurije gusa.”

⁴⁴ Igihe, Fesitusi, ndizera ko yari yaramubwiye ko “yize cyane,” yari “umusazi.” Ariko yamumenyesheje ko ari—ko atari we; ko we—yari azi aho yari ari.

⁴⁵ Kandi ibi nari kubivugaga, muri iki gitondo, bavandimwe. Nifuzaga rwose ko nza kubishobora . . . Ntabwo bivuze ubuzima

bwa Pawulo, ahubwo ni ukugira ngo dutange ikiganirwo gito gifite ireme. Impamvu, hano ni uko hari bindi byinshi wenda biza kuvugwa muri iki gitondo, ariko nashakaga aya mahirwe yo kubivugaho. Noneho ndifuza ko buri torero ritandukanye, nk'uko numvise umanuka ku, Urusengero rwa Beteli, rwigenga, Amateranirwo y'Imana, n'andi atandukanye... Mbifurije rwose ko mwashobora kubona ibyo mbona; ko mwabishobora. Mbifurije kubona iyerekwa mbona, noneho ukarushaho gusobanukirwa neza, iby'umurimo.

⁴⁶ Ubwo navaga mw'itorero ry'Ababatisita, kugira ngo nze muri mu bapentekote; na Dr. Roy E. Davis, wari wanyimitse mu rusengero rw'Abamisiyoneri b'Ababatisita, bambwira ko narose, igihe iyerekwa ry'Uwiteka ryazaga kandi—yaramvugishije. Kandi—kandi uzi icyo gukira uburwayi cyari cyo icyo gihe, byari ku rwego rwo hasi.

⁴⁷ Kandi—kandi ntacyo nari nzi ku Bapentekote. Numvise ko ari agatsiko k'abera bivuruguta hasi bakanyerera nk'imbwa zasaze, kandi bagombaga kubahungiza no kubasubiza mu buzima, n'ibindi byose nk'ibyo. Ibyo ni byo nari nzi byose ku bantu b'Abapentekote.

Naravuze nti: “Utekereza ko ari inde uzakumva?”

⁴⁸ Ndavuga nti: “Niba Imana inyohereje, hari ahantu runaka n'umuntu runaka Inyoherezaho.” Ni byo. Murareba? “Impamvu,” Naravuze nti: “Dr. Davis,” Ndavuga nti: “Yari umunyakuri; narahagaze ndamureba,” Naravuze. Bambwiye ko ayo mayerekwa...

⁴⁹ Ndi uwizera ukomeye, bavandimwe, ibya—iby'impano no guhamagarwa ntibigombera kwihana. Njye—njye ndabyizera. Uravuka, ntushobora kuba ikintu utari cyo. Kandi igihe cyose ugerageje kwigira ikintu utari cyo, uba ukina uw'indyarya. Kandi Mana reka mpfe mbere yo kuba indyarya, murareba. Reka mbe uko ndi, hanyuma mbisobanure neza kandi bisobanuke. Kandi—hanyuma, reka—reka mbe gutya, ubwo abantu bose barabimeya. Noneho murabizi neza.

⁵⁰ Noneho rero, nk'uko mubizi, ntabwo nize amashuri menshi cyane nk'uko nabivuze. Muri njye...muri tewolojiya, Ndi umukene uri aho. Kandi ndakeka ko mubizi, murareba. Kandi nk'umubwirizabutumwa, byangora no kubyiyita ubwanjye, kubera ko ntize amashuri ngo menye amagambo, n'ibindi n'ibindi. Ariko icyo mfite gito, ku...nk'ubumenyi bwanyje mpabwa kumenya, kubw'ubuntu Bwe, Umwami Yesu, Ngerageza kubisangiza bene Data bese aho bari hose, kugira ngo dusangire ibi.

⁵¹ Kandi, ariko, igihe navaga mw'itorero ry'Ababatisita...ari ryo torero ryonyine nigeze ninjiramo, cyangwa nashyizwemo. Kandi nashyizwemo mu 1933, mu rusengero rw'Abamisiyoneri b'Ababatisita, Jeferisonivile, muri Indiyana. Ni u—u...ni umwe

mu bagize Amasezerano y'Ababatisita bo mu Majyepfo. Noneho twebwe, muri iki gihe, na . . . igihe nirukanwaga kandi gusa . . .

⁵² Noneho, itorero ry'Ababatisita ni itorero ryigenga. Twebwe—twese turabizi, ko ari i—i ni i . . . Ushobora kubwiriza ku bintu byose ushaka, niba itorero ryanyu rizabihagararaho. Ni byo . . . Ushaka kubwiriza icyo ushaka cyose.

⁵³ Kandi ibyo ndabikunda, murareba, kuko nizera ko bituruka ku ntumwa. Kubera ko, umuyobozi, wa gahunda isumba izindi mw'itorero, ni umwungeri, tumenya ko, pasiteri. Kandi—na niba u—u . . . Niba umukuru w'itorero cyangwa undi muntu wese uzanye uguhishurirwa kunyuranye n'ukwa pasiteri, ubwo se ni gute Imana izakorera mw'itorero rye? Murabona, ntimushobora kubibona. Noneho, kandi mfite . . .

⁵⁴ Ubwo navaga aho, nahuye n'itsinda rya mbere, kwari ugukiza indwara Betty Daugherty muto, kuri St. Louis, Missouri. Kandi ryari Itorero rya Pentekote, cyangwa itorero ry'Izina rya Yesu rya Pentekote, kandi uyu mushumba yari, kumwe n'umukobwa we muto arakira. Mvugishije ukuri, natekereje ko ari cyo cyamuteye kuba umupentekote, ni ukubera ko ubwabo biyise, “Yesu Wenyine.” Kandi natekereje ko ari byo byatumye aba umupentekote, iyo ni yo yari 'impamvu yatumye biyita ko, kandi hari itandukaniro. Ni byiza, noneho, kuva aho nagiye . . .

⁵⁵ Nuko umuntu mwiza; yari afite amateraniro meza i St. Louis, iyo shusho yaho igaragara hano. Twari dufite icyumba kinini i Kiel; ijoro rimwe, cyangwa abiri, hari ibihumbi cumi na bine byitabiriye, kandi ntitwashoboraga no . . . twagombaga gushyira abapolisi hirya no hino, kugira ngo bataba kure.

⁵⁶ Hanyuma, kuva aho, ukamanuka ku nyubako ya Richard T. Reed, wo mu Rusengero rw'Isaha ya Bibiliya yahiriwe 01, i Jonesboro, narwo rwari mw'ishyirahamwe rimwe. Kuva aho, kugeza kuri Dr. G. H. Brown, umuryango umwe, kuri 505 Victor Street muri Little Rock, muri Arkansas. Kandi, kuva aho, kugera ku Nkombe y'Iburengerazuba.

⁵⁷ Hanyuma iyo ngeze ku Nkombe y'Iburengerazuba, natsa umuriro. Hanyuma nasanze hariyo amacakubiri menshi mu bantu b'apentekote, mu madini yabo, nk'uko twebwe Ababatisita tumaze. Reba bari—bari batandukanye cyane, hariho, bari bafite ibibatandukanya. Hariho idini ry'Amateraniro y'Imana, n'iry'Itorero ry'Imana, n'ikindi kintu, n'ikindi kintu, n'ikindi kintu, na—n'itandukaniro. Kandi bari baritandukanije, bari barashushanyije imirongo mito ibatandukanya. Nuko abandi bavandimwe bose batangira kunsanga, barambwira bati: “Kubera iki, uri mu biyita Yesu Wenyine, hamwe n'iri tsinda haruguru aha.”

Ndavuga nti: “Oya, simbikora—Ntabwo niyita gutyo.” Murareba?

Aravuga ati: “Kuki, urimo guterana na bo.”

⁵⁸ Ndavuga nti: “Ni byo—ibyo ntibinteye kuba nka bo.” Murareba? Ndongera ndavuga nti: “Njyewe—njyewe—njyewe gusa . . . Bari bene Data.”

⁵⁹ Na we ati: “Ni yo mpamvu, ni agatsiko ka . . . Kubera iki, nta kindi bafite usibye itsinda ry’ibiyoni n’ibintu nk’ibyo, hirya no hino. Aho . . .”

⁶⁰ Ndavuga nti: “Noneho, mbasabye imbabazi. Mpahurira n’abagabo nyabo bubaha Imana. Kandi ni abantu b’Imana.” Nanjye nti: “Na—nanze rwose kubita babi; kuko, atari byo.”

⁶¹ Ni byiza, noneho nagerageje kubihagarika igihe cyose nshoboye, ntagaragaje inzira zombi. Ni byiza, natangiye kwiga icyo batekereza icyo ari cyo, n’icyo gutandukana kwabo, n’icyabatandukanije. Kandi nasanze abiri mu matsinda akomeye, rimwe muri yo, ryitwaga Yesu Wenyine, irindi ryitwaga Amateraniro y’Imana. Kandi barahamagawe, cyangwa baratandukanye, kubera ikibazo cy’umubatizo w’amazi; rimwe rikoresha “Data, Umwana, Umwuka Wera,” naho irindi rigakoresha Izina “Yesu”.

⁶² Ni byiza, nararebye, kandi ku mpande zombi hari abantu bakomeye, abakozi b’Imana. Ndatekereza nti: “Mana, iyaba nabonaga bese bagaragara muri . . . bagakomeza gusa kandi bafite . . . ariko ntugashushanye imirongo yabo gusa, ngo uvuge ngo: ‘Ntabwo dushaka gusabana umwe ku wundi.’” Ariko nasanze, muri ibi, umwuka mubi wari winjiye muri bo kandi wateje urwango n’ubugome, hejuru y’ibibazo byari byaje muri bo. Naratekereje nti: “Ni byiza rwose nk’uko satani abishaka. Ni byo ashaka.” Igihe cyose intwari zawe zimenyerejwe imwe ku yindi, ntagomba kurwanya ikigeragezo. Kandi njyewe . . .

⁶³ Noneho rero, amaherezo, biza kwigaragaza. Kandi iyo myigaragambyo yari yabereye i Seattle, Washington, ahagana mu 1946. Umunsi umwe mu gitondo, nazanywe muri hoteri lobby, ikintu nk’iki, hamwe n’i—ifunguro rya mu gitondo rya bamwe mu bakozi b’Imana. Nabwirijwe kuvugana n’abagabo babiri nyamukuru.

⁶⁴ Umwe muri bo yari Dr. Ness. Ndakeka ko mwebwe abavandimwe bo mw’Iteraniro ry’Imana mumwibuka. Yari muri karere k’amajyaruguru y’uburengerazuba; ni umuntu ukomeye, usobanutse, w’umunyabwenge. Kandi yari ahagarariye idini yabo mw’Iteraniro ry’Imana.

⁶⁵ Hanyuma, Dr. Scism, wo mw’Itorero ryunze Ubumwe rya Pentekote. Ndakeka ko mwebwe bavandimwe bunze Ubumwe ba Pentekote mumwibuka. Yari no mu turere two mu majyaruguru y’uburengerazuba hejuru iyo, yari iyo ruguru mu turere rwa ruguru.

⁶⁶ Ni byo, abo bagabo bombi barahuye. Nagombaga kuzanwa imbere yabo, kuko i—inkombe zitari zituje, kandi zambuzaga amahoro impande zose. Ndatekereza nti: “Nkore iki? Nakora iki?”

⁶⁷ Noneho, baravuga bati: “Ni byiza, ugomba gufata uruhande rumwe cyangwa urundi. Niba ugiye mw’Izina rya Yesu, ugomba kuba Izina rya Yesu. Niba kandi ukorana n’idini y’Amateraniro y’Imana, ugomba kujya kure y’Izina rya Yesu, ukaba mw’idini ry’Iteraniro ry’Imana, cyangwa n’ibindi.” Biza ahantu nagombaga gukora nerekanwa ubwoko runaka.

⁶⁸ Narasenze cyane muri icyo gitondo mbere y’uko manuka hepfo. Naravuze nti: “Mana, umfashe. Kubera ko, hariya hari abantu babiri bakomeye; hariyo abakozi ibihumbi. Kandi wanyohereje hano umpa n’umurimo. Kandi bombi ni abagaragu bawe. None se nkwiye kongera imbaraga zanjye nke mfite mu muryango umwe mu gihe urwana n’undi?” Murareba? “Ntabwo—ntabwo nshobora kwiyumva neza mu kubikora. Ntabwo ntekereza ko byaba ari ubushake bwa Kristo kuri nyje kubikora.” Nanjye nti: “Mana, umfashe umpe icyo gukora, cyangwa umpe icyo kuvuga.”

⁶⁹ Hanyuma, nta n’umwe nari kumwe na we. Byabaye ngombwa ko mpagarara aho, nyewe gusa hamwe n’Umwami Yesu, muri icyo gitondo.

⁷⁰ Rero, impaka zikomeye ziravuka. “Ugiye gukora iki? Ni iki—iki—ni uwuhe mwanzuro ugiye gufata?”

⁷¹ Navuze nti: “Icyemezo cyanjye kimaze gufatwa. Icyo, icyemezo cyanjye, ni uguhagarara hagati yanyu mwembi, ntimwinjire mu muryango; hanyuma muvuge, mufatanye urunana muvuge muti: “Turi abavandimwe.”” Murareba? Murebe, turi abavandimwe. Murareba? Nanjye nti: “Nagerageje gusoma ibitabo byose nshoboye, uko ibi biza, icyiswe ngo ‘ikibazo gishya,’ n’uburyo bitandukanije ubwabo, n’uburyo ibi byatangiyeye muri ubu buryo no muri *buriya*.” Nanjye nti: “Mu mpaka hagati yanyu,” Naravuze nti: “icyo ni ikintu kimwe cyahagaritse ugukomeza kwa pentekote, ku munsu. . . nyuma y’A Pentekote. Batangira gutongana.” Nanjye nti: “Ikintu cyongeye gutandukana.”

⁷² Ndavuga nti: “Byaba bishoboka ko hashobora kubaho uburyo bwo guhura hagati yanyu, mwebwe abavandimwe? Haba hariho ikintu—ikintu cyatuma ibyo bishobora guhagarara?”

⁷³ Ni byiza, ntabwo bari gufungura umunwa kuri ibyo, kuko byari bikaze cyane. Murabizi, hashize imyaka cumi n’itanu, makumyabiri, uko byari bimeze, kubera ko itsinda rimwe ryari rimaze kuva mu rindi, kandi hari impaka nyinshi.

⁷⁴ Nanjye nti: “Rero, bavandimwe, dore icyo ngiye gukora. Ngije. . . Imana ntiyigeze intuma kubatiza, uko byagenda kose. Yanyohereje gusengera abana Bayo barwaye.” Ndavuga nti:

“Noneho, ngiye—gusengera abana barwaye, namwe bakozi mukore kubatiza kwanyu,” Ni uko mvuze.

⁷⁵ Ndavuga nti: “Noneho ndashaka kukubaza ikintu, kugira ngo ubyumve.” Ndavuga nti: “Mwene Data Ness...aba bantu bavuga Izina rya Yesu, urizera ko bakiriye Umwuka Wera iyo bavuga mu ndimi kandi bagakora ikintu gisa n’icyawe bari mw’idini ry’Ateraniro ry’Imana?”

Aravuga ati: “Rwose.”

⁷⁶ Ndavuga nti: “Mwene Data Scism, wemera ko Amateraniro y’Imana afite Umwuka Wera iyo bavuga mu ndimi kandi bagakora ikintu gisa n’icyo wakoze igihe cyo kubatiza?”

Aravuga ati: “Ni byo rwose.”

⁷⁷ Ndavuga nti: “Noneho, Bibiliya iravuga iti: ‘Imana iha Umwuka Wera abayumvira. Noneho, ni inde wayumviye? Ni inde wayumviye? Ni nde muri mwe wayumviye? Kandi Imana yabahaye mwembi Umwuka Wera.’” Murareba?

⁷⁸ Ndavuga nti: “Wavuga ngo, Mwene Data Scism, Mwene Data Ness ntiyahawe Umwuka Wera?”

Aravuga ati: “Oya.”

⁷⁹ Naravuze nti: “Wavuga ko Mwene Data Scism atahawe Umwuka Wera?”

⁸⁰ “Oya.” Murareba? Kubw’ibyo, bombi bizeraga ko bafite Umwuka Wera.

⁸¹ Ariko, urabona, gusa ntabwo byumvikana, bene Data. Ntabwo byumvikana. Kandi numvise, nyuma y’ibyo gato...

Ndaza kugaruka ku gitekerezo cyanyje mu munota umwe.

⁸² Bene Data bo muri Finilande hano, nyuma y’uko mvuye muri Finilande; aho Imana yaduhereye, icyo natekereje, amwe mu materaniro yacu akomeye. Aho umwana muto, wari wapfuye akazuka, n’ibindi byinshi. Nahuriye nawe i Stockholm, muri Suwede, ndi kumwe na Lewi Pethrus wo mw’itorero rya Filadelfiya riri aho akaba n’umuntu ukomeye w’Imana, n’itorero rya Filadelfiya. Mwene Data Gordon Lindsay, wariho ubu... Ndatekerezaga. Ntabwo ntekereza ko ari uw’ubu, ariko yari uwo mu Materaniro y’Imana.

⁸³ Kandi abo mu Materaniro y’Imana ni bamwe mu baterankunga bakomeye, mu buryo mpuzamahanga. Kandi Foursquare, yari yirukanwe mw’idini ry’Amateraniro y’Imana, akaba umwe mu baterankunga bakomeye. Abizera Imana imwe ni, mu mahanga, ni bamwe mu baterankunga bakomeye. Murareba? Nahise mfata icyo gihagararo ntitaye ku mpande zikarishye, hanyuma mfata igihagararo, mvuga ko ntazahagarara muri uru ruhande cyangwa urundi ruri mu muvurungano. Kugeza igihe tuzabonera ko turi abavandimwe, tugahuriza hamwe, kandi ubwo tuzabikora—twese tuzareba

iyi ngingo imwe itaziguye, ko tugiye kuza, ikibidutera n'ntego ituma tubikora.

⁸⁴ Namwe—mugomba kugerageza impamvu yanyu n'ntego, mbere na mbere. Ubwa mbere, mushake ubushake bw'Imana; hanyuma mushake intego yanyu; hanyuma mugerageze impamvu yanyu murebe niba ari nziza. Noneho, nk'uko Yesu yabivuze muri Mariko 11:24, ati: “Mwabwira uyu musozi muti: ‘Imuka, kandi mudafite gushidikanya mu mitima yanyu.’” Ariko igihe cyose mwagize gushidikanya mu mutima, ko ari ubushake bw'Imana, impamvu yanyu cyangwa intego yanyu iba ipfuye, none se bizagenda bite? Ariko iyo muzi ko impamvu yanyu ari nziza, kandi ikaba ari ubushake bw'Imana, kandi n'ntego yanyu akaba ari nziza, ugomba kwimuka. Ni ibyo gusa, cyangwa se Imana yavuze ikintu kitari cyo.

⁸⁵ Ni nayo mpamvu nyine, iyi ngiye ku ruhimbi, mu matorero, nta muntu n'umwe wigeze anyumva mvuga ibyo bintu ku ruhimbi, ibyo bibazo. Gusa narabyihoreye. Nimurebe, ibyo bireba Uwiteka. Murareba? Ndi hano kugira ngo mbafashe kugeza ubugingo kuri Kristo, kubw'impano y'Imana, murareba. Murareba? Ntacyo bihindura... Mukora umubatizo wanyu. Ariko rero iyi bigeze...

⁸⁶ Isomo, nitirirye ibintu byose. Niswe, sinzi niba ari inshuro zingaha, aho naturuka hose uhareye ku u—u “umwana w'Imana wambaye umubiri” kugera ku kwitwa i—i “idayimoni.” Ni byo, ibintu byose. Ariko, inyuma y'ibi byose, ndi mwene So, umuturage mugenzi wanyu w'Ubwami bw'Imana; nkorana namwe mwese, kubw'Ubwami. Kandi ibyo ni ukuri.

⁸⁷ Noneho nzabikora, niba ari byiza, kandi nkeka ko dufite umwanya uhagije, ndashaka kubabwira uko twabiganiriyeho. Byaba byiza, bavandimwe, mu munota umwe gusa, Mwene Data, mwene Data Ness hamwe na bo? Ni byiza. Kandi birashobora kuba bike byagufasha. Byagufasha kubyumva, ibyo ari byo.

⁸⁸ Naranditse, hano, bimwe mu bintu nibuka bakuyemo. Nuko rero bambajije, icyo nizeraga ku byerekeye “ubutatu,” niba narizeraga ko hariho u “ubutatu” bw'Imana?

⁸⁹ Noneho, benedata, iyi twegereye ibi, nizere ko, iyi ibi birangiye, tuza kuba ba bene Data twabanye nk'uko bisanzwe. Murareba? Ariko ndumva mbafitiye umwenda, kuko abantu banyu baza mu materaniriro yanjye, kandi rwose sinshaka kwirukana n'umwe muri bo, muca intege.

⁹⁰ Kandi buri gihe nabwiye abantu banyandikira ibibazo, hanze y'ibyo mbwiriza ku ruhimbi... Kandi umunyamabanga wanjye ari hano, n'ibindi n'ibindi. Niba bambajije ikibazo bati: “Tuvuge iki kuri *ibi*, cyangwa se kuri *biriya*?”

⁹¹ Ndavugaga nti: “Mubaze umushumba wanyu, murareba. Kubera ko, niba yarabayoboye akabageza kure nk'aha, kugeza igihe mwakiriye Umwuka Wera, azabibayoboramo, murabona.

Mwebwe, nimurebe, mubaze pasiteri wanyu.” Kubera ko, utuntu duto nk’utwo dutera urujijo, nuko rero ndabajyana kure yabyo, murabona.

⁹² Noneho, kandi nabwiwe ko nari u—umurwanyirwanya imiryango. Rero, sindi we. Ntekereza ko imiryango ari myiza, ariko icyo imiyoborere y’umuryango yanyu yangiritse, ni yo ndwanya. Murareba? Nta kibazo baba abizera Imana imwe, cyangwa—cyangwa se abanyabutatu, cyangwa ibyo ari byo byose, imiyoborere; ku buryo icyo mugeze ahantu, mwebwe ubungubu . . . hanyuma mukavuga muti: “Turi abo mu Materaniro y’Imana.”

“Ni byiza, ni inde uri hakurya y’umuhanda?”

⁹³ “Yoo, abo ni abavandimwe bacu. Ni—ni abitwa Ubumwe bwa Pentekote.”

“Ni byiza, ni inde uri hariya hakurya?”

⁹⁴ “Yewe, abo ni abavandimwe bo muri Foursquare. Yoo, turi abavandimwe beza. Dufite ubusabane bukomeye, bamwe ku bandi.”

“Yewe, mwese mwizera ikintu kimwe?”

“Yego, yego, turizera.”

“Noneho, neza, ni iki kibatera kubaho muri ubu buryo?”

⁹⁵ “Ni byiza, *aba* bavandimwe babatiza muri *ubu* buryo. Kandi *aba* babatiza muri *ubu* buryo, bahuze natwe. Kandi *aba* babatiza . . .”

⁹⁶ Nko muri Afrika y’Epfo hariya, mwene Data, turabikoraho. Barambajije. Itsinda rimwe ribatiza inshuro eshatu, bareba imbere. Irindi ryabatije inshuro eshatu, bareba inyuma. Baravugaga bati . . . Ndavugaga nti: “Ibyo mubikura he?”

⁹⁷ Umwe yaravuze ati: “Igihe yapfaga, Bibiliya yavuze ko yarebye imbere,” ati: “tugomba rero kubarebesha imbere.”

⁹⁸ Nanjye nti: “Ni byo,” ku rindi tsinda, “ni ibiki . . . Bimeze bite kuri mwebwe?”

Baravugaga bati: “Wigeze ushyingura umugabo yubitse mu maso?”

⁹⁹ Ni byiza, kandi muzi ibyo ari byo? Baritandukanije bakora amatsinda abiri, amashyirahamwe abiri. Yoo, mbega ubuntu, bavandimwe! Ni byo gusa satani ashaka. Ni byo ashaka. Yego. Mwishakire . . .

¹⁰⁰ Noneho, murebe, ntabwo ari Ubutumwa bwo Kwizera kw’Intumwa, cyangwa—cyangwa se byaba ari Amateraniro ya Pentekote, ku rundi ruhande. Ntabwo ari byo. Hano hari abagabo beza bari mu matsinda yombi, nk’aho hano. Ariko, murabona, ni imiyoborere y’ikintu.

¹⁰¹ Ni ukumera nk'Umunyagatolika, nk'uko nakunze kubivuga kenshi. Niba ari Umunyagatolika, kandi bitewe na Kristo kubw'agakiza, arakizwa. Mu by'ukuri, ni byo. Niba ashingiye kw'itorero, yarazimiye. Kandi buri wese muri mwebwe bavandimwe b'abapentekote arabizi, niba dutumbiriye itorero rya Pentekote kugira ngo ridukize, "turi, mu bantu, b'imbabare cyane," ni byo, kuko twarazimiye. Ni byo.

¹⁰² Ariko niba dushakisha Yesu Kristo, noneho twarakijijwe, "kubwo kwizera kwanyu," (iby, ni ibiki?) ni umurimo urangiye. Kandi utuntu duto dukora, n'ibirango, ntabwo bihindura byinshi.

¹⁰³ Noneho, nabwiye Mwene Data Scism, ku . . . na mwene Data Ness, "Ngo basubize ikibazo cyawe," Ndavuga nti: "ubu, ntabwo mfata impande zombi bavandimwe. Kandi ndabizi, mu gihe cyose mutongana, mwembi muba mwibeshya. Murareba? Kubera ko, nahitamo kwibeshya mu nyigisho zanjye, ndi mu kuri mu mutima wanjye, kuruta kuba inyangamugayo mu nyigisho zanjye, ndi mu kinyoma mu mutima wanjye." Murareba? Ndavuga nti: "Erega burya, biterwa n'umutima wawe."

¹⁰⁴ Kandi nabigize imyitozo, kugira ngo menye ibi: ko, niba umugabo, uko yaba akora kose, n'uburyo akora butndukanye, n'icyo avuga kuri njye; niba mu mutima wanjye, bidaturutse ku nshingano gusa, kandi mbikuye ku mutima sinshobora gukunda uriya mugabo nk'uko nkunda undi muntu wese, noneho nzi ko hano hari ibitagenda neza, nimurebe. Ni byo, kuko, ni—ni . . . nta kibazo niba ari . . .

¹⁰⁵ Mwene Data muto yaraje, nta gihe gishize, mwene Data wo mw'Itorero rito rya Kristo. Kandi, yewe, yarahagurutse aho, maze aravuga ati: "Uyu musore ni shitani." Murareba? Aravuga ati: "Avuga ku Mwuka Wera." Aravuga ati: "Nta kintu kibaho nk'icyo. Nabo, rero intumwa cumi n'ebyili gusa ni zo zakiriye Umwuka Wera. Kandi—kandi gukiza indwara kw'Imana kwari guhabwa gusa izo ntumwa cumi n'ebyiri." Arakomeza, nk'isaha imwe.

¹⁰⁶ Nanjye nti: "Akanya gato, mwene Data. Ndatekereza ko ukwiye kumpa amahirwe yo kurengera Ibi, murareba." Ndavuga nti: "Wavuze ko uvuga aho Bibiliya ivuga, ugaceceka aho icecetse."

Na we ati: "Ni ko tubigenza."

¹⁰⁷ Ndavuga nti: "Noneho, wavuze ko hari intumwa cumi n'ebyili gusa zakiriye Umwuka Wera. Bibiliya iravuga iti: 'Mu cyumba cyo hejuru hari ijana na makumyabiri igihe Umwuka Wera yamanukaga, abagore n'abandi bose.' Mbese byashoboka ko umbwira, utekereza ko Pawulo atari afite Umwuka Wera? Kandi yarawakiriye Igihe kinini nyuma y'ibyo, murareba. Nawe uravuga uti: 'Impano yo gukiza indwara yahawe intumwa cumi n'ebyili gusa.' Sitefano aramanuka,

nyuma y'iminsi mike, kandi ntabwo yari umwe muri cumi na babiri. Ntiyari n'umuvugabutumwa. Yari umudiyakoni, amanuka i Samariya yirukana abadayimoni." Nanjye nti: "Yoo mwene Data!" Byaratuje cyane hano, yego, aho wagombaga kubikomeza.

¹⁰⁸ Bimaze kurangira, "Ariko," Nari mvuze nti: "Ndakubabariye kuba waranyise satani, 'kubera ko nzi ko atari byo washatse kuvuga."

¹⁰⁹ Hanyuma arangije, arazamuka. Aravuga ati: "Hariho ikintu kimwe nshobora kuvuga. Ufite Umwuka wa Kristo."

¹¹⁰ Ndavuga nti: "None, mwene Data, Ndi inde, satani cyangwa uwa Kristo?" Murareba? Murareba?

¹¹¹ Ariko ndababwiye, murareba, kuko uriya mugabo, yashoboraga kuvuga ko namukunze; nta kibazo, ntibabyemeranyagaho, kandi ntiyemeranya cyane no gutoteza. We...

¹¹² Ndi umuhigi, kandi mbana n'inyamaswa zo mu gasozi, ubuzima bwanjye bwose. Abantu baravuze bati: "Ni gute..." icyo gihe ngomba kwica idubu, nkoresheje icyuma, murareba. Aravuga ati: "Ntiwayitinyaga?"

¹¹³ Ndavuga nti: "Oya. Iyo nza kuyitinya, iba yaranyishe, murareba."

¹¹⁴ Ariko, nimurebe, ntushobora—ntushobora kuzisuzugura. Zizi niba uzitinya, cyangwa utazitinya. Nutinya ifarashi, urebe icyo ifarashi izagukorera, izagukandagira. Murareba? Niba rero ufite ubwoba... Ntugomba kuyisuzugura. Ugomba rwose kubugira.

Ni nako bimeze kuri Satani.

¹¹⁵ Ni na ko bimeze mu bantu. Ugomba gukunda abantu. Ntugomba kubasuzugura. Ugomba kubugira, cyangwa ukagaragaza ibara ryawe ahanu, murareba. Ni byo. Mu by'ukuri ukunda abantu, kandi bazi ko ubakunda. Murareba, hari ikintu kijyanye na byo.

¹¹⁶ Rero umugabo, yahamagaye umugore wanjye, hashize iminsi, aramubaza ati: "Mwene Data Branham arahari?"

Aramusubiza ati: "Oya."

¹¹⁷ Ati: "Ni byiza, ikintu kimwe mfite navuga. Ntabwo nemeranya na we, muri tewolojiya, ariko navuga ko ari umugaragu wa Kristo."

¹¹⁸ Ni byiza, hanyuma, hanyuma mbere y'uho ngenda, yanyohereje ibaruwa, arambwira ati: "Ndaje, igihe uzagarukira. Ndashaka uwo mubatizo w'Umwuka Wera uvuga."

¹¹⁹ Noneho, murabona, gusa aho niba ubishaka... Niba narigeze kugira icyo myumvire, yo kuvuga ngo: "Kubera iki, nta kintu na kimwe ufite. Itorero ryawe rya kera ntabwo ari ryiza,

kandi—kandi mwese abantu bo mw’Itorerero rya Kristo ntabwo muri beza. Ntabwo muri beza. Murimo—murimo amadayimoni.” Ntabwo nigeze ntsinda uriya mugabo. Niba kandi naramubwiye ko namukunze, kandi ntabivugiye mu mutima wanjye, yari kubimenya neza. Ibyo ni byo byonyine kuri ibyo. Mugomba kubisobanura mu mutima wanyu.

¹²⁰ Kandi ibyo byabaye nijoro ubwo nari nsohotse mvuye kuri urwo ruhimbi, ndi muni y’imbaraga zo kugenzura imyuka, murareba. Ntabwo mbitekerezaho. Gusa sindya, guhera mu gihe cy’ifunguro rya nimugoroba; niyiriza ubusa nkanasenga, kandi nkaguma mu cyumba. Kubera ko, We yansezeranije ko Azabikora. Kandi rero ndagenda nta gicucu na kimwe cyo gushidikanya, kuko We yasezeranije ko Azabikora. Noneho, murareba... Nzi ko intego yanjye ari (iyihe?), Intego yanjye ni (iyihe?), ni ukugira ngo duteze imbere Ubwami bw’Imana.

¹²¹ Niba umuntu agenda muri iyi nzira, muri *ubu* buryo, *ubwo* buryo, hatitawe ku itorerero iryo ari ryo ryose yaba arimo; igihe cyose azazira kuri Kristo, ntacyo bintwaye. Kandi ibyo biri mu mutima wanjye. Murareba? Kandi nta kibazo, niba tuzamuka tukinjira mw’Itorerero rya Kristo, ni byo rwose. Ni byiza. Niba ari... Ni irihe torero yinjiyemo, ntacyo bintwaye. Ariko igihe cyose natsindiye ubugingo bwe hamwe na Kristo, ni ikintu cy’ingenzi.

¹²² Nanjye nti: “Mwene Data Ness, ntabwo utandukanye...” Ubu ngiye... Ni byiza gukoresha *ibi*, mwene Data? [Mwene Data aravuga ati: “Ni byo.”—Ubwanditsi.] Ndavuga nti: “Ndashaka kuvuga no gusobanura.” Kandi, muri ibi, nshobora kubabwira mwebwe bene Data muri hano. Noneho rero, ntumukavuge ibi mu materaniryo zanyu. Niba mubishaka, kandi mungirire impuhwe, gusa—gusa—reka gusa mbabere Mwene so. Murabona? Nanjye, kandi niba—niba naribeshye, murambabarira. Ariko ndashaka kubasobanurira ko, kuba hari amatsinda yombi yicaye hano muri iki gitondo, cy’abizera Imana imwe na—n’Amateraniryo, nayo, hamwe n’imyizerere y’ubutatu.

¹²³ Ubu ndashaka kuvuga aya magambo. Ndashaka kuvuga ko nizera ko impande zombi zibeshye, igihe cyose zitongana, kubera ko intego zabo ari mbi. Kandi igihe cyose intego zanyu zitari zo, uko intego zanyu yaba imeze kose, ariko impamvu zanyu kuri iyo ntego ni mbi, noneho ntizigera ikora. Ni byo.

¹²⁴ Noneho, abantu bamwe baravuze bati: “Mwene Data Branham, uri uwo mu ba Yesu Wenyine.” Ndashaka kuvuga ko iryo ari ikosa. Ntabwo ndi uwo mu ba Yesu Wenyine.

¹²⁵ Umuntu aravuga ati: “Mwene Data Branham, uri uwizera Ubutatu?” Oya, mugenzi. Ntabwo ndi uwizera Ubutatu. Ndi Umukristo. Murareba? Njye—njye—njye ntabwo... Ijambo ubutatu ntirivugwa no muri Bibiliya, ijambo “ubutatu.” Kandi sinizera ko hariho Imana eshatu imwe ukwayo.

¹²⁶ Nizera ko hariho Imana imwe yakoze mu buryo butatu: Data, Umwana, Umwuka Wera. Ni yo mpamvu rwose twahawe inshingano zo kubatiza mw'Izina rya Data, Umwana, Umwuka Wera. Nizera ko ari Imana yaciye bugufi, ikamanuka.

¹²⁷ Noneho, Imana, igihe yabonekeraga umuntu bwa mbere, yari mu buryo bw'Inkingi y'Umuriro. Murabyemera, si byo? U... Umusomyi wa Bibiliya wese azi ko Inkingi y'Umuriro yari mu butayu yari Logosi, ko uwo yari Umumalayika w'Isezerano, ari we Kristo.

¹²⁸ Kubera ko, yavuze... Yari... Ntabwo byari... Nizera ko ari hariya muri Mutagatifu Yohani 6, Yaravuze ati: "Mbere y'uko Aburahamu abaho," ibya "NDIHO." Yari "NDIHO."

¹²⁹ Rero, iyo yari Imana, yera; n'iyi umuntu yakoraga ku musozi, yagombaga kwicwa, murareba. Ni byo. Noneho, iyo Mana imwe yagerageje gukora Yisubiza mu biremwa Byayo yaremye. Noneho, ntiyashoboraga kubegera, kuko bari abanyabyaha, kandi amaraso y'ihene n'intama ntabwo yigeze akuraho icyaha. Turabizi. Byatwikiraga icyaha gusa.

¹³⁰ Noneho, ariko icyo gihe iyo Mana imwe yari Inkingi y'Umuriro, yahindutse umubiri, binyuze mu Mwana Wayo, itura mu mubiri witwa Umwami Yesu Kristo. Bibiliya iravuga iti: "Muri We ni ho harimo kuzura k'Ubumana mu mubiri." Yesu arabivuga muri... Ni byiza, muri Timoteyo wa mbere 3:16, "Nta gushidikanya ubwiru bw'Imana burakomeye." Niba kandi bashobora kubwira ibikomeye, kubera iki, twebwe twakora iki, murareba? "Ubwirur bw'Imana burakomeye cyane, kuko Imana yagaragaye ifite umubiri, ikabonwa n'abamarayika, igahabwa Ubwiza," n'ibindi. Noneho, maze arongerera aravuga muri Mutagatifu Yohani 14, abwira Tomasi ati: "Iyo umbonye, uba ubonye Data. Kubera iki uvuga uti: 'Utwereke Data wa twese?'" Bibiliya iravuga, ngo: "Imana yari muri Kristo, yiyunga n'isi Ubwayo."

¹³¹ Noneho, Imana ntishobora kuba abantu batatu, Imana eshatu. Ntabwo Yesu ashobora kuba Se, muri umwe. Murareba? Noneho, murabona, bituma byombi bihinduka ibinyoma.

¹³² Noneho, none niba uzabibona gusa, nta hantu... Niba dufite Imana eshatu, turi abanyamahanga. Noneho, ibyo turabizi.

¹³³ Nk'uko Umuyahudi yambwiye igihe kimwe, ubwo navuganaga na we, ati: "Ni inde muri bo uri Imana yawe? Ni inde Mana yawe, Data, Umwana, cyangwa Umwuka Wera? Iyawe ni niyihe?"

Nanjye ndavuga nti: "Kubera iki, nta Mana eshatu zibaho."

¹³⁴ Aravuga ati: "Ntushobora gucamo—gucamo Imana ibice bitatu ngo uyihe Umuyahudi."

Ndavuga nti: "Oya, mugenzi." Ndavuga...

¹³⁵ Igihe John Rhyn yari amaze gukira ubuhumyi, hariya i Fort Wayne, murabizi; n'uyu mutware hejuru hano i Mishawa... cyangwa i Fort... Benton Harbour. Yaravuze ati: "Ntushobora gucamo Imana ibice bitatu ngo uyihe Umuyahudi."

¹³⁶ Ndavuga nti: "Rwose si byo. Ntabwo." Ndavuga nti: "Mutware, ese byakugora kwizera abahanuzi?"

Aravuga ati: "Oya."

¹³⁷ Ndavuga nti: "Muri Yesaya 9: 6, uwo yavugaga, 'Kuri twe Umwana yatuvukiye, duhawe Umwana w'umuhungu, yitwa Umujyanama, Imana Ishobora byose, Umwami w'Amahoro?'"

Aravuga ati: "Uwo yari Mesiya."

Ndavuga nti: "Noneho, Rabi, Mesiya azaba ahuriye he n'Imana?"

Aravuga ati: "Azaba ari Imana."

¹³⁸ "Ni byo natekereje." Murareba? Noneho, murabona, ni byo rwose. Ni cyo Ari cyo. Nanjye nti: "Mbwira noneho aho Yesu yananiwe gusohozza neza ibyo umuhanuzi yavuze ko Azakora." Atangira kurira no kuzenguruka. Ndavuga nti: "Kubw'ibyo, John Rhyn afite amaso ye abona neza." Murareba?

Na we ati: "Biri kure ku Mana kubyara umwana w'umuhungu!"

¹³⁹ Naravuze nti: "Yehova ukomeye yatwikiriye umugore, nk'uko umuhanuzi yabivuze ko azabikora, maze arema uturemangingo tw'Amaraso. Kandi muri utwo turemangingo tw'Amaraso ni ho haturuka umubiri wa Kristo.

¹⁴⁰ "Nimurebe, mw'Isezerano rya Kera, Rabi," Ndavuga nti: "Iyo umuntu yajyaga gutamba igitambo, yafataga umwana w'intama. Yabaga azi ko yarenze ku mategeko y'Imana, nuko agafata umwana w'intama. Akatura ibyaha bye, maze uyu mwana w'intama akicwa. Mu gihe... amaboko ye yabaga ari ku mwagazi w'intama; ukwatura kwe ni uko yari azi ko agomba gupfa kubera ibyaha bye, ariko umwana w'intama waramusimbura. Utaremangingo tw'amaraso twaseshwe; yafataga umwana w'intama mu ntoki kugeza yunvise ubuzima bwayo buto burangiye, kandi bwashenjaguritse. Hanyuma umutambyi, birumvika, yaminjagiraga amaraso ku—ku muriro, igicaniro cy'umuringa w'urubanza."

¹⁴¹ Hanyuma ndavuga nti: "Uwo mugabo rero, yasohokaga aho, azi ko umwana w'intama wafashe umwanya we, ariko yasohokaga afite icyifuzo nk'icyo yabaga afite igihe yinjiraga, murareba, kuko bitashoboraga gukuraho icyaha. Murareba? Ariko, ubwo, kuri iki kibazo, 'Usenga iyo amaze kwezwaga, nta mutimanama w'icyaha aba afite.' Aho, hari ituro ryatangwaga buri mwaka. Ariko," Naravuze nti: "ubu hariho iki gihe, 'usenga iyo amaze kwezwaga, nta mutimanama w'icyaha aba agifite.' Kubera ko..."

¹⁴² “Reba, Rabi. Mu bigize amaraso, ubwo buzima buto butangirira mu turemangingo, tuva mu gitsina cy’umugabo, tukinjira mu cy’umugore. Tugatera amagi; ariko, inkoko ishobora gutera amagi, ariko niba itarahuye n’isake, ntizigera ituraga.”

¹⁴³ Nanjye nti: “Noneho Imana, igihangange cyuzuye ibihe byose n’ikirere, yahindutse akabuto gato mu nda y’umugore.” Hanyuma ndavuga nti, “Iyo dukijijwe uyu munsu... Yesu ntabwo yari Umuyahudi cyangwa Umunyamahanga, kuko igi ryabyaye umubiri gusa. Amaraso yari afite Ubuzima. Natwe—turi... Bibiliya iravuga iti: ‘Twakijijwe n’amaraso y’Imana.’ Murebe, Ntabwo yari Umuyahudi cyangwa Umunyamahanga; Yari Imana. Kubw’ibyo, iyo tugeze ku gicaniro tugashyiraho amaboko yacu, ku mutwe We, kubwo kwizera, twumva amarira n’ububabare by’i Kaluvari, rero tumutura ibyaha byacu, ko turi abanyabyaha, kandi Yapfuye mu cyimbo cyacu!”

¹⁴⁴ “Noneho, murabona,” Ndavuga nti: “amaraso y’iyo ntama ntashobora kugaruka kuri ibi, amaraso ngo... Uturemangingo twaraseshwe, ubuzima buratakazwa, mu kumena utu turemangingo tw’amaraso y’intama, ntidushobora kugaruka ku muntu usenga, kuko yari ubuzima bw’inyamaswa, kandi ntabwo byahurirana n’ubuzima bw’abantu.

¹⁴⁵ “Ariko iki gihe, igihe utwo turemangingo tw’Amaraso twaseswaga, ntabwo yari umuntu gusa. Ubwo bwari Ubuzima bw’Imana, burekuwe. Kandi iyo musenga murambuye ibiganza, kubwo kwizera, ku Mwana w’Imana, kandi mukatura ibyaha byanyu, ntabwo ari ubuzima bw’undi muntu, ahubwo ni Ubuzima bw’Imana bugaruka muri uyu muntu, aribwo Bugingo Buhoraho. Ijambo *Zoe*, risobanura, ‘Ubuzima Bwite bw’Imana.’ Kandi yavuze ko azaduha *Zoe*, Ubugingo Buhoraho, none turi abahungu n’abakobwa b’Imana. Murahari.”

¹⁴⁶ Ndavuga nti: “None se ni iki? Ni Imana, yicishije bugufi. Igihe yazaga, mbere na mbere; ‘nta muntu washoboraga kumukoraho We, ‘kuko umuntu yari yaracumuye. Hanyuma Yambara umubiri, ‘kugira ngo asogongere icyaha... kumva icyaha.’ Murareba, We, ikintu cyonyine Imana yashoboraga gukora, kugira ngo ibe inyakuri, byari ukubikora muri ubwo buryo.”

¹⁴⁷ Nk’urugero, byagenda bite niba mfite ububasha bw’abari muri iki cyumba muri iki gitondo, nk’ubwo Imana yari ifite ku bantu, nuko ndavuga nti: “Umuntu wa mbere ureba kuri iyi poto, arapfa,” ese na Tommy Hicks arabireba? Noneho, nk’urugero, ufashe Carl—... “Mwene Data Carlson, ukamupfira.” Ibyo ntibyaba ari byo. Navuga nti: “Leo, uri umunyamabanga wanjye; uramupfira.” Ibyo ntibyaba ari byo. “Billy Paul, umwana wanjye, uramupfira.” Ibyo ntabwo ari byo. Inzira imwe yonyine nshobora kuba umunyakuri, ni ugufata umwanya we ubwanjye.

148 Kandi ni byo Imana yakoze. Yo, Imana, ni Umwuka. Kandi Yararemye. . . Yo, Yahinduye kurekwa Kwe. Byagombaga kuba bitangaje, ku bantu, gutekereza kuri Yehova muto. Yashoboraga kuza, umuntu-wuzuye ukuze, ariko Yaje mu kirugu, hejuru y'icukiro. Yehova muto, arira nk'uruhinja. Yehova muto, akina nk'umwana w'umuhungu. Yehova muto, umubaji, nk'umugabo w'umukozi. Yehova muto, akiri ingimbi. Yehova, yabambwe hagati y'ijuru n'isi, atamikwa ibisindisha by'abasinzi kandi avunderezwa amacandwe n'abasirikare mu maso Ye. Yehova, apfira abana Be. Yehova, apfa, acungura; ntabwo ari undi muntu, ahubwo ni Imana Ubwayo! Murareba, Imana, ibyo ni byo byari ibiro Byayo. Kubera iki? Arimo kugerageza gusubira mu mutima w'abantu.

149 Noneho, ntidushobora kumukoraho We, *Hariya. Hano*, twamwiyumvisemo n'ibiganza byacu. None se Yakoze iki, abikesheje ituro ry'umubiri? Yahindutse Yehova *muri* twe. Turi ibice Bye. Ku Munsu wa Pentekote, Inkingi y'Umuriro yarigabanyije Ubwayo, indimi z'Umuriro zijya kuri buri wese, kwerekana ko Imana Ubwayo yitandukanije n'Itorero Ryayo.

150 Noneho, bavandimwe, iyaba twashoboraga guhurira hamwe gusa, Ibyo tukabihuriza hamwe! Tubona Yehova mu buryo bwuzuye, iyo duhuriye hamwe. Ariko ni gute dushobora, mu gihe *uyu* avuga mu ndimi agahabwa umubatizo, *uyu*; hanyuma mukabika *iri* tabaza ry'Umuriro hejuru hano, *iri* kandi? Reka turihurize hamwe.

151 Igihe Imana, ku munsu wa Pentekote, yamanukaga, Bibiliya iravuga iti: “Indimi z'Umuriro zashyizwe kuri buri wese muri bo.” Kandi bo. . . “Indimi, zari nk'Umuriro,” itabaza. Yari ya Nkingi y'Umuriro yitandukanya Ubwayo ikigabanya Ubwayo, mu bantu, bivuga ko tuzaba abavandimwe. “Uwo munsu muzamenya ko Ndi muri Data, na Data akaba muri Njye; Njye muri Njye, na mwe muri Njye.” Kandi, twebwe, turi umwe. Turi umwe, ntabwo dutandukanijwe.

152 Noneho, Yehova Imana, hejuru *Hano*, ntishobora gukora ku nyoko muntu, kubera amategeko Yayo Bwite yo kwera; Yehova Imana yatubereye icyaha, kandi yishyura ikiguzi; uwo Yehova Imana ashobora kuza akaba *muri* twe. Imana iri *hejuru* yacu; Imana iri *kumwe* natwe; Imana *muri* twe. Ntabwo ari imana eshatu; ni Imana imwe! Abarimu bitwara nk'abasazi, bagerageza kubishushanya. Ni—ni ibyo guhishurirwa. Bisaba ngo ubihishurirwe.

153 Noneho, ubu, iyo bigeze ku mubatizo, ubu, abantu benshi. . . Ubu, ibyo mugomba kubikora, bavandimwe. Cyangwa, ni nk'aho nabwiye mwene Data Scism na mwene Data Ness, ngo iyo mu. . . I—impaka zaravutse. Kandi ibyo ari byo byose, benshi muri mwe intiti hano zirihagije kundusha; ariko nakoze inyigo ihagije kuri iyi ngingo. Kandi nasomye ba *Padiri-babanjirije Inama y'i*

Nikeya, n'abagize *Inama nkuru y'i Nikeya*, n'abanyamateka bose n'abandi.

¹⁵⁴ icyo kibazo cyaje mu Nama ya *Nikeya*. Impande zombi zagiye ku mbuto; igihe kiliziya Gatolika yafataga uruhande rw'ubuhezanguni bukabije rw'ubutatu, undi ajya mu ruhande rw'abizera ko Imana ari imwe, impande zombi zirasohoka. Ni byo rwose, kuko abantu bari bafite icyo bazikoramo.

¹⁵⁵ Mugomba kureka Imana ikabikora, si ngombwa kuri twe kugerageza kubishushanya. Mureke tube abavandimwe. Reka dukomeze kandi tureke Imana ikore ikintu Yo igiye gukora. Niba Itagira iherezo kandi izi byose, kandi ikaba yarahanuye imperuka kuva mbere, ni gute twagira icyo dukora kuri ibyo? Nimukomeze gusa. Iyo ni yo nzira. Komeza utere intambwe, nk'uko nabivuze mw'ijoro ryakeye, hamwe na Yosuwu ukomeye.

¹⁵⁶ Noneho nimurebe, niba hariho imana eshatu... Ndashaka kubereka uburyo ibi bisekeje. Niba hariho imana eshatu, Yesu yari na Pa-... Yesu ntiyashoboraga kuba na Papa We, ngo babe umwe. Kandi, niba hari batatu, Ntabwo yavutse kw'isugi. Ubu ni bangahe...? Ngiye kuvuga ko *iyi* ari Imana Data; kandi *iyi* akaba ari Imana Mwana; kandi *iyi* ikaba Imana Umwuka Wera.

¹⁵⁷ Noneho, ku bavandimwe batandukanye hano, murareba ibi ni akanya gato gusa maze mukabona icyo ngerageza kwerekana. Ndasenga ngo Imana ibemerere mubibone. Noneho, murebe, mwembi mwemera ikintu kimwe, ariko satani yamaze kujya hagati yanyu maze arabatandukanya. Ni bimwe rwose, kandi nzabibereka, mbifashijwemo n'Imana, hamwe na Bibiliya y'Imana. Niba atari Bibiliya, ntukabyakire. Ni byo.

¹⁵⁸ Ariko noneho murebe. *Iyi* ni (ibiki?) Imana Data; *iyi* ni Imana Mwana; *iyi* ni Imana Umwuka Wera. Ni byiza, nonaha, reka duhagarare nonaha umunota umwe gusa, twibande kuri abo batatu; Imana Data, Mwana, n'Umwuka Wera.

¹⁵⁹ Yoo, ntabwo—ntabwo ndubone umwanya wo gukora ibi. Njyewe... [Abavandimwe baravugaga bati: "Komeza! Komeza!"—Ubwanditsi.] Ariko, murebe, rero, nzihuta vuba vuba uko bishoboka. Mumbabarire, bavandimwe, ariko si—si—sinigeze mbona uko tuvugana, kandi nda—ndashaka gukora ibi.

¹⁶⁰ Hanyuma, murebe; Imana Data, Umwana, Umwuka Wera. None, Se wa Yesu Kristo yari muntu ki? Imana yari Se wa Yesu Kristo. Twese turabyizera. Ni byo? [Itorero riravugaga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ni byo.

¹⁶¹ Noneho, iyo dufashe Matayo 28:19, igihe Yesu yavugaga ati: "Nimugende rero, mwigishe amahanga yose, mubabatiza mw' Izina rya Data wa twese, Umwana, n'Umwuka Wera," nyuma y'iminsi icumi, Petero ati: "Nimwihane, kandi mubatizwe mw'Izina ry'Umwami Yesu Kristo." Hano hari ahantu hamwe havuguruzanya. Noneho, reka tuda... hari u...

¹⁶² Umuntu wese yatanze ubuhamya, n'ibindi bintu. Hano. Dore ibyo nizera, kandi mbihagazeho neza imbere yanyu, bavandimwe. Ibi simbivugiye hanze y'uruhimbi; birabareba. Ariko ndashaka kubereka ibyo mbona ku mpande zombi, rero Umwuka Wera abibahishishurire, murareba.

¹⁶³ Noneho, Matayo 28:19, kandi niba—niba Matayo 28:19 avuguruza Ibyakozwe 2:38, noneho hariho kwivuguruza muri Bibiliya, kandi Ntibikwiye hari impapuro Byanditseho.

¹⁶⁴ Noneho muzitegereze muri Matayo igice cya 16, Yesu yahaye Petero ihishurirwa, amuha n'imfunguzo.

¹⁶⁵ Noneho, mwibuke, Bibiliya ntabwo ihishurwa na tewolojiya ya gahunda yakozwe-n'abantu. Ntabwo ari byo. Ni uguhishurirwa.

¹⁶⁶ Byari ihishuriwa, mu gutangira. Kuki Abeli yatambiye Imana igitambo cyiza kuruta Kayini? "Byaramuhishuriwe," ko atari amashaza, na pome, n'amacunga, na pome. Niba pome izatuma abagore bamenya ko bambaye ubusa, ni byiza ko twongera guca pome, bene Data. Ntimubitekereza mutyo? Noneho, ibyo, ibyo byumvikana nk'igitambo, ariko sinshaka kubivuga. Ariko, ntabwo yari pome. Oya, mugenzi. Noneho, kandi niba ari byo, ubwo, "Byahishuriwe Abeli," ko yari amaraso ya se. Rero yatanze amaraso, kuko byari ihishurirwa. Ikintu cyose cyubakiye kuri ibyo.

¹⁶⁷ Noneho nimurebe, dore umurobyi ukuze utazi ubwenge, nta n'uburere buhagije. . . Bibiliya ivuga ko yari injiji kandi ko atize. Ariko yari ahagaze aho, Yesu abaza ikibazo ngo: "Njyewe Umwana w'umuntu muvuga ko ndi inde?"

¹⁶⁸ Umwe aravuga ati: "Kubera iki, Uri—Uri Mos—..." Cyangwa, "Bo—bo baravuga bati: 'Uri Mose.'"

"Bavuga ko, bavuga ko Ndi inde?"

Umwe yaravuze ati: "Kubera iki, uri Yereimiya cyangwa umwe mu bahanuzi, n'ibi, ibyo, cyangwa ibindi."

¹⁶⁹ Aravuga ati: "Ntabwo ari cyo kibazo. Nababajije *mwebwe*. Mwebwe muvuga ko Ndi inde?"

¹⁷⁰ Petero aguma mu kuri maze aravuga, ati: "Uri Umwana w'Imana."

¹⁷¹ Nuko Aravuga ati: "Urahirwa, Simoni, mwene Yona." Noneho mukurikire. "Umubiri n'amaraso ntabwo ari byo bibiguhishuriye, ahubwo ni Data uri mw'Ijuru." Murareba?

¹⁷² Noneho mwitegereze, ubu, kiliziya Gatolika ivuga ko yubatse Itorero kuri Petero. Ibyo si byo.

¹⁷³ Itorero ry'Abaporotesitanti rivuga ko, "Ryiyubakiyeho." Ariko noneho mwitegereze murabona, murebe niba ari byo.

¹⁷⁴ Yubakiye ku guhishurirwa k'umwuka w'Uwo yari We, murebe, kuko yavuze ati: "Urahirwa, Simoni, mwene Yona.

Umubiri n'amaraso ntabwo ari byo biguhishuriye ibi. Ndakubwiye wowe Simoni; kuri uru rutare" (ni urutare? ihishurirwa) "Nzubakaho Itorero ryanjye, n'amarembo y'ikuzimu ntashobora kurunyeganyeza."

¹⁷⁵ Noneho, igihe Petero yari araho igihe Matayo 28 yavugwaga, hanyuma arahindukira, nyuma y'iminsi icumi, hamwe no guhishurirwa, abatiza mw'Izina ry'"Umwami Yesu Kristo." Kuki yabikoze? Hamwe no guhishurirwa kw'Imana; kandi yari afite imfunguzo z'Ubwami, bene Data.

¹⁷⁶ Noneho nshobora kubabaza umunota umwe, ku ruhande rwanyu, ariko mube muhagaze umunota umwe. Nta hantu na hamwe muri Bibiliya aho umuntu uwo ari we wese yabatijwe mw' Izina rya "Data, Umwana, n'Umwuka Wera." Nta hantu na hamwe mu Byanditswe. Niba kandi hahari, muherekane. Niba kandi mushobora kubona ahantu hose mu mateka yera, kugeza kw'ishingwa rya kiliziya Gatolika, ndashaka ko mubyerekana. Nta hantu hahari, ubu, kandi ibyo ni ukuri.

Ariko noneho mutegereze gato, mwebwe mwizera Imana imwe, isegonda rimwe gusa.

¹⁷⁷ Noneho, nta hantu hahari. . . Niba hari umuntu ushobora kunyereka inyandiko imwe y'Ibyanditswe aho uwo muhango wakoreshejwe muri Bibiliya, wa "Data, Umwana, n'Umwuka Wera," uhatiwe kuza kumbwira aho umuntu yabatijwe gutyo.

¹⁷⁸ Bamwe muri bo baravuga bati: "Ni byiza, nzafata ibyo Yesu yavuze, ntabwo ari ibyo Petero yavuze." Niba byari binyuranye, umwe ku wundi, twakora iki? Niba byose atari Imana, ni ikihe gice cya Bibiliya gikwiriye?

¹⁷⁹ Byose bigomba guhura no guhurizwa hamwe, kandi guhishurirwa kw'Imana gusa. Amashuri yacu ntazigera abyigisha. Ni uguhishurirwa, ko mugomba kubibona.

¹⁸⁰ Noneho, niba ari abagabo babiri banyuranye, umwe ku wundi, ubwo dusoma Bibiliya bwoko ki? Nabwirwa n'iki ko Yohana 14 afite ukuri, cyangwa ko atari byo? Nabwirwa n'iki ko Yohana 3 afite ukuri, cyangwa ko atari byo? Ni gute, gute, nabimenya nte? Murareba?

¹⁸¹ Ariko inzira yonyine nshobora kwizeramo Imana, ni ukumenya ko Bibiliya ari ukuri, kandi mwizere ko ari byiza, kandi mugumane na byo. N'ubwo ntabyumva, ndabikomeza, uko byagenda kose.

¹⁸² Ariko iyo uku kwivuguruza kuje, ubwo njya imbere y'Imana, kugira ngo mbimenye. Kandi Umumalayika umwe duhurira mu nama, nijoro, ni Umwe Wanyigishije Ibi. Murareba? Noneho murebe niba ari byo, uko bimeze ubu.

¹⁸³ Noneho, Matayo 28:19, mureke ubu tubirebe akanya gato. Noneho ubu ngiye gufata Ibyakozwe n'intumwa 2:38 hano, aho

Petero yavuze ati: “Umwami Yesu Kristo.” Matayo na we ati: “Data, Umwana, n’Umwuka Wera.”

¹⁸⁴ Noneho mwumve. Yaravuze ati: “Mubabatize...” Oya ntabwo ari “mw’izina rya Data, mw’izina ry’Umwana, mw’izina ry’Umwuka Wera.” Ntiyigeze abivuga. Nta “izina... mw’izina... mw’izina.”

¹⁸⁵ Ntiyigeze avuga ngo: “Mubabatize mu *mazina* ya Data, Umwana, n’Umwuka Wera,” Impamvu nta n’ubwo byumvikana.

¹⁸⁶ Yaravuze ati: “Kubababwira mw’izina (I-z-i-n-a) rya Data, Umwana, n’Umwuka Wera.” Ni byo? “...rya Data, Umwana, n’Umwuka Wera,” ihuriro, “na, na, na.”

¹⁸⁷ Oya, *amazina*. Ntabwo ari, “mw’izina rya Data, izina ry’Umwana, izina ry’Umwuka Wera.” Ntabwo, “mu *mazina* ya Data, Umwana, n’Umwuka Wera.” Ariko, “mw’izina,” I-z-i-n-a, rimwe, “rya Data, Umwana, n’Umwuka Wera.” Noneho, ni irihe zina ryiza muri yo ryo kubatirizwamo? Ni Izina rimwe. Ni irihe? Ni “Data” izina ryiza, cyangwa ni “Umwana” izina ryiza, cyangwa ni “Umwuka Wera” izina ryiza?

¹⁸⁸ Ni i “Izina,” ahantu runaka. Ni byo? [Itorero riravugaga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Ni byiza, ubu ndashaka kubabaza ikintu, mu kanya. Niba “Izina,” hanyuma, niba Yesu yaravuze ati: “Mubabatize mw’izina rya Data, Umwana, n’Umwuka...” Ni bangahe bizera ko Yesu yavuze atyo? [“Amina.”] Ngibyo ibyanditswe. Ni Matayo 28:19, “Mw’izina rya Data, Umwana...”

¹⁸⁹ [Mwene Data Branham abona ikimurangaza—Ubwanditsi.] Ni ikintu twebyewe... Oya, ni, natekereje... Ni byo, mugenzi. [Mwene Data umwe aravugaga ati: “Mumbababwirira, mwene Data Branham?”] Yego. [“Ndashaka guhindura iyi kaseti, kandi sinshaka kuyitakaza.”] Ni byo. [Ahantu hatagaragara kuri kaseti.]...?...

¹⁹⁰ Noneho, “mw’izina rya Data, Umwana, n’Umwuka Wera.” Noneho bavandimwe. Nta kintu kiriho nk’izina rya “Data,” kuko Data atari izina. Ni inyito y’icyubahiro. Nta kintu kiriho nk’izina ryu “Umwana,” Impamvu *Umwana* ni inyito y’icyubahiro. Nta kintu kiriho nk’izina ry’Umwuka Wera.” Ni cyo We ari cyo.

¹⁹¹ Nari ndimo kubivugaga mu gitondo kimwe mu gihe cy’ifunguro rya mu gitondo, nuko umugore umwe... Bitewe na gahunda, birumvikana ko umuntu wese yarogoye, ikintu cyose nk’icyo. Yaravuze ati: “Tegereza gato! Ndagusaba imbabazi!” Ati: “Umwuka Wera ni izina.”

¹⁹² Ndavugaga nti: “Ni byo. Ndi umuntu, ariko izina ryanjye ntabwo ari ‘Umuntu.’”

¹⁹³ Ni Umwuka Wera. Iryo ntabwo ari izina. Ni ko bimeze. Ni izina, byanze bikunze, ariko ntabwo ari i... Ni i—ni i... Ntabwo ari izina.

¹⁹⁴ Noneho, niba Yaravuze ati: “Mubabatize mw’Izina rya Data, n’Umwana, n’Umwuka Wera,” kandi Data, Umwana, cyangwa Umwuka Wera akaba atari izina, ubwo Izina ni irihe? Turashaka kurimenya.

¹⁹⁵ Noneho, dushobora kubibona byose ahantu hamwe hano, niba uzitegereza gusa kandi—kandi—hanyuma ugakora umwanya muto, cyangwa uzigame umwanya muto, ndashaka kuvuga. Noneho reba muri Matayo 28:19. Noneho, simvuze ibyo...

¹⁹⁶ Mushobora, mushobora kuba mwarabikoze, bamwe muri bashiki bacu cyangwa bene Data. Mushobora kuba mwarafashe igitabo, umunsi umwe, mukareba inyuma yacyo, mukavuga muti: “Yohana na Mariya babayeho neza.” Yohana na Mariya ni bande? Ni iki... Yohana na Mariya babayeho bishimye ni bantu ki? Hariho inzira imwe gusa uzamenyamo Yohana na Mariya abo ari bo; ibyo, niba ari urujijo kuri wowe, subira inyuma usome igitabo. Ni byo? Subira inyuma ku bya mbere maze ubisome, birakubwira Yohana na Mariya abo ari bo.

¹⁹⁷ Ni byiza, niba Yesu yaravuze ngo, Yesu Kristo Umwana w’Imana, wavuze ngo: “Nimugende rero, mwigishe amahanga yose, mubabatiza mw’Izina rya Data, Umwana, n’Umwuka Wera,” kandi ntabwo Data, Umwana, cyangwa Umwuka Wera ari izina, noneho, niba ari urujijo, ni byiza ko dusubira mu Gitabo cya mbere.

¹⁹⁸ Noneho reka dusubire mu gice cya 1 cya Matayo, kandi tuzatangirire aho, dutange ibisekuruza, kugeza bigeze ku murongo wa 18.

¹⁹⁹ Noneho nimwitegereze, noneho nimwitegereze umunota umwe gusa. *Uyu* ni Data, iburyo bwanjye; *hagati* ni Umwana; kandi *uyu* ni Umwuka Wera. Noneho, *uyu* ni Se wa Yesu Kristo. Ni byo? Imana ni Se wa Yesu Kristo. Twese turabyizera? [Itorero rivuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Ni byo.

²⁰⁰ Noneho muri Matayo 1:18 aravuga ati:

Noneho kuvuka kwa Yesu Kristo kwagenze gutya: Ubwo...nyina Mariya yari yarasabwe na Yozefu, ariko mbere...yari ataramurongora, babona afite inda y’u... [Itorero rivuga riti: “Umwuka Wera.”—Ubwanditsi.]

²⁰¹ Natekereje ko Imana ari Yo Se.

Kandi azabyara umuhungu...uzamwite YESU:...

Yosefu umugabo we, kubera ko yari umukiranutsi,... kandi adashaka kumukoza isoni ku mugaragaro, yigira inama yo kumubenga rwihishwa.

Kuri uyu munyabwenge, akibitekereza, malayika w’Umwami Imana amubonekera mu nzizi, ati, Yozefu, mwene Dawidi, witinye kurongora umugenzi wawe

Mariya: kuko imbuto imurimo ni iy'Uwiteka... [Itorero riravuga riti: “*Umwuka Wera.*”—Ubwanditsi.]

202 Natekereje ko Imana ari Yo Se. Ubu, yaba Afite ba se babiri, bavandimwe? [“Oya.”] Ntashobora kubagira. Niba yarabagize, Yari umwana w’ikigoryi, ni irihe dini twari dufite hariya? Ugomba kwemera ko Imana Data n’Umwuka Wera ari Umwuka umwe-ubwawo. Ni byo. Ni ukuri, Ni Umwuka umwe-ubwawo. Noneho, twarangije, kandi turabibona.

Azabyara umuhungu, bamwite YESU, kuko azakiza ubwoko bwe icyaha cyabwo.

... ibi byose byakozwe, kugira ngo bisohore...

203 Ndimu gusubiramo Ibyanditswe. Mwebwe abakozi murabizi, uko ngenda.

... kugira ngo bisohore... ni ko umuhanuzi yavuze, bivuye ku Mwami, avuga,

... umwali azasama inda, kandi... azabyara umwana, bazamwita Emmanuel, bikaba bisobanurwa... [Itorero riravuga riti: “*Imana iri kumwe natwe.*”—Ubwanditsi.]

204 “Imana iri kumwe natwe!” Ni byo?

205 None Izina rya Data, iry’Umwana, n’iry’Umwuka Wera ni irihe? [Mwene Data aravuga ati: “Yesu Kristo.”—Ubwanditsi.] Ni byiza, ni ukuri. Ni yo mpamvu Petero yababatiye mw’Izina rya “Yesu Kristo.”

206 Ariko, simbyitayeho, niba warabatiye mw’izina rya Rose wa Sharon, Umwangange wo mu Kibaya, Inyenyeri yo mu Ruturururu, nayo, ni amazina y’ibyubahiro. Niba umutima wawe ukiranukira Imana, Izi umutima wawe.

207 Ariko ubu, ubu, nabigaragaje. Noneho, ubu nabivuze... Noneho Mwene Data Scism ati: “Nonaha!” Amasomo, byanze bikunze, uko yasaga nk’ay’Abizera Imana imwe, ni ko yari afite ukuri muri ibyo.

208 Noneho ndavuga nti: “Ubu hano ndashaka kugira icyo mbabwira ubu.” Murareba? Naravuze nti: “Noneho ibi ndashaka kubibagaragariza, aba bagabo bombi, bavuze ikintu kimwe.”

209 Noneho, Matayo yaravuze ati: “Mw’Izina rya Data.” Ni byo? [Itorero riravuga riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Byose ni byo. Naho Petero aravuga ati: “Mw’Izina ry’Umwami.” Matayo 28:19 haravuga ngo: “Mw’izina rya Data,” naho mu Byakozwe n’Intumwa 2:38 hakavuga hati: “Mw’Izina ry’Umwami.” Dawidi aravuga ati: “UWITEKA abwira Umwami wanjye.” Yari inde? Data n’Umwami ni Izina rimwe. Dawidi ati: “UWITEKA abwira Umwami wanjye ati: ‘Wowe Icara iburyo Bwanjye.’” Murebe, “Mw’Izina rya Data; mw’Izina ry’Umwami.”

210 Matayo na we ati: “Mw’Izina ry’Umwana,” Petero ati: “Mw’Izina rya Yesu.” Umwana ni inde? Yesu.

211 “Mw’Izina ry’Umwuka Wera,” yari Matayo; Petero we ati: “Mw’Izina rya Kristo,” Isanzure.

212 *Data, Umwana, Umwuka Wera*, “Umwami Yesu Kristo.” Kubera iki, biratunganye rwose nk’uko bishoboka. Murareba?

213 Mwene Data Scism yarambwiye, cyangwa, mwene Data Scism, mwene Data wo mu bizera Imana imwe rukumbi, aravuga ati: “Mwene Data Branham, ni byo, ariko,” ati: “biriya ni *ibi*.”

214 Ndamusubiza nti: “Noneho, ibi ni *ko bimeze*.” Ni byo. Murareba? Naravuze nti: “Niba ibyo ari *ibi*, ibi ni *biriya*. None se urimo kwitotombera iki?”

215 Naravuze nti: “Reka mbagire inama, bavandimwe. Niba narigeze kubatiza umuntu, dore uko bimeze. . .”

216 Naravuze nti: “Noneho, dore Dr. Ness.” Kandi u. . . umuntu umwe ngo, hashize igihe, mwebwe bavandimwe, mumenye Dr. Ness.

217 Ni byiza, nzavuga, hano, mwene Data Hicks hano, afite i. . . Ntekereza ko ufite Impamyabumenyi ya Dogiteri. Ni byo? Byose ni byo.

218 Noneho ndavuga nti: “Niba Dr. Ness, wicaye hano. . .” Noneho ndavuga nti: “Niba mbishaka. . .” Noneho, iyo njyanye umuntu mu mazi, kumubatiza, Nubahiriza uko yabikoze, naravuze, nti: “Ibyo byari ibyubahiro byagiye mw’Izina Rye.”

219 Naravuze nti: “Noneho, bene Data bo mu Materaniro bakoresha ibyubahiro, naho bene Data bizera Imana imwe bakoresha Izina.” Naravuze nti: “Noneho ngiye kubereka, mwembi muribeshya, kandi mvuze ukuri.” Muzi uko mugomba kuzagenda. . . Mufite abagabo bafite ibibazo muri ubwo buryo, mugomba gutera urwenya umwanya muto rimwe na rimwe, kugira ngo muruhure ubwonko gato. Rero naravuze nti: “Ngiye kubereka ko mwembi mwibeshye, kandi mvuze ukuri.”

220 Ndavuga nti: “Noneho bigenda bite iyo nshaka kuvuga kuri mwene Data Ness, navuga. . .”

221 Cyangwa, cyangwa mwene Data Hicks uri hano, murebe. Navuga ngo: “Hicks!” Noneho, ibyo birumvikana neza? Oya. Ni byiza, byagenda bite mvuze nti: “Dogite! Yewe, Dogite! Byaba bimeze bite?” Rero, ibyo byakumvikana nabi, si byo?

222 “Igihe,” naravuze nti: “ubwo ni uburyo Inteko zikora, murebe. Iyo mwebwe bene Data bo mu Materaniro muvuga muti: ‘Mw’izina rya Data, n’iry’Umwana, n’iry’Umwuka Wera,’ uravuga gusa uti: ‘mw’Izina rya revera, dogiteri.’”

223 Nanjye nti: “Noneho, mwebwe bene Data bizera Imana imwe, iyo mubatiza, muravuga muti: ‘Yesu!’” Ntabwo bakoresha. . .

224 Bo, abo muri Yesu Wenyine, bakoresha gusa izina “Yesu.” Hariho ba Yesu benshi. Ariko, ni Umwami Yesu Kristo, murabona. Hariho benshi...Kubaliza mw’izina rya “Yesu,” Ntabwo rwose ngendana na byo; nta Byanditswe mfite. Mufite umwimerere, murebe niba atari “Umwami Yesu Kristo.” Mu by’ukuri, ni Umwami Yesu Kristo. Hariho ba Yesu benshi, rwose. Kandi *Kristo* ni “Uwasizwe.”

225 Naravuze nti: “Noneho, ndamutse nongeye kubwira ikintu kimwe mwene Data Ness. Namubwira ngo, nakumvikana neza mvuze ngo: ‘Bite, Ness!’” Naravuze nti: “Ni uburyo mwebwe mwizera Imana imwe mwabivugamo. Murareba? Ntabwo ibyo byaba ari ukwirengagiza bidasubirwaho uriya mugabo wize, kandi ufite Impamyabumenyi y’Ikirenga? Niba yarize cyane kubw’ibyo, agomba kwitwa gutyo.”

226 Nanjye ndavuga nti: “Noneho niba mvuze nti: ‘Bite, Dogiter!’” Ndavuga nti: “Ntabwo ibyo byakumvikana neza, kugira ngo umukozi w’Imana abibwire undi?” Cyangwa se, ndavuga nti: “Ni bwo buryo bwo kubikora, gusa ku byerekeye umutwe w’amagambo.”

227 Ariko naravuze nti: “Iyo njyanye umuntu mu mazi, Ndazamuka aho nkamubaza, maze nkavuga, nuko nkabona izina rye n’uwo ari we, no kwizera kwe.

228 “Noneho ngasenga, nkavuga nti: ‘Noneho Data, nk’uko wabidutegetse ngo “mugende kw’isi yose, muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, . . .”” Mwa bavandimwe mwe muzi ko ibyo ari umwimerere, murareba. ““... muhindure abigishwa b’amahanga yose, mubabaziza mw’izina rya Data, n’Umwana, n’Umwuka Wera; mubigisha kwitondera ibyo Nabahaye byose. . . ibintu byose Yatwigishije.””

229 “Noneho ndavuga nti: ‘Kugeza mwatuye ukwizera; iyo watuye ibyaha byawe, n’ukwizera kwawe mu Mwana w’Imana, Ndakubaziza, mwene Data mukundwa, mw’izina ry’Umwami Yesu Kristo.’”

230 Naravuze nti: “Ni bwo buryo mbatizamo. Nzi inyito ze zombi, icyo Yari cyo, byombi ni Data, Umwana, n’Umwuka Wera. Kandi impamvu Yesu yavuze atyo, yari. . .”

231 Noneho nimurebe. Niba—niba atari byo, mwagize kwivuguruzi mu byanditswe byanyu; mufite ukwivuguruzi. None se mugiyiye gukora iki mu gihe. . . Byagenda bite niba uyu mwene Data w’Umubudisiri yahaguruka akavugaga ati: “Bite ku bijyane n’ibi?” Bavugaga iki mu gihe bavuganye nanjye. . .

232 Hirya no hino, ubwo uyu mwene Data w’Umuhinde yamaganaga Morris Reidhead, akamubwira, ati: “Bite se ku bijyanye na Mariko 16?” Baramusaba kubigenderamo.

²³³ Ntugomba kugenda nta kintu ufite. Iryo ni Ijambo ry’Imana. Gumana na Ryo. Senga gusa. Shaka ihishurirwa. Byose bigenda kimwe.

²³⁴ Murebe, yombi hari icyo asobanura, rero; ntabwo ari amazina y’icyubahiro; ntabwo aringaniye. Ndavuga nti: “Noneho rero. . .”

²³⁵ Naramumenye. Yari Data; ntabwo yari iyindi Mana. Yari Umwana; ntabwo yari iyindi Mana. Ni ya Mana imwe! Wowe. . . Ni imirimo itatu. Imana ikora umurimo nka Data, niba ushaka kubyita utyo, nka Data; ukaba Umwana we; kandi ni Imana imwe iri muri twe nonaha, “Nzabana namwe.” Insimbuzazina bwite, “Nza,” “Nzabana namwe.” Noneho, murabona, ni imirimo itatu, ntabwo ari Imana eshatu.

Noneho mwene Data, niba abigishwa batarigeze babikoresha, ndetse kugera hasi. . .

²³⁶ Ntabwo ndimo kubivuga. Ni byo rwose. Ntabwo kubwiye, niba umuntu asohotse hano, yabatijwe mw’izina rya “Roza wa Sharona, Umwangange wo mu Gishanga, ndetse n’Inyengeri yo mu Ruturuturu,” kandi yizeraga Yesu Kristo nk’Umukiza we, navuga ngo: “Imana iguhe umugisha, mwene Data! Ngwino, reka dukomeze!” Murareba? Ni byo. Impamvu, niba umutima wawe udakwiriye, ntabwo uvuga ukuri, uko byagenda kose. Ni byo rwose. Kandi u—umutima wawe ugomba kuba utunganye.

²³⁷ Nuko ndavuga nti: “Noneho nimurebe. Noneho, niba ngiye gusuhuzwa mwene Data Ness hano, ndavuga ‘Revera. Dogiteri. Ness.’ Ni byo rwose. Ni umukozi w’Imana. Agomba gufatwa nka revera. Yarize, kandi yiga byinshi. Afite Impamyabumenyi ya Dogitora, bityo agomba guhamagarwa ‘dogiteri.’ Ngiyo inyito ye, murareba. Kandi yitwa ‘Ness,’ ibyo ari byo byose. Noneho, ntabwo navuga nti: ‘Yewe, Ness! Yewe, Dogite! ’Oya, ibyo ntibyaba byiza. Navuga ngo, ‘Revera. Dogiteri. Ness.’

²³⁸ “Murareba, ni ko nahamagara, murareba, icyo ari cyo; Data, Umwana, n’Umwuka Wera, ‘Umwami Yesu Kristo.’” Murareba?

²³⁹ Nanjye nti: “Niba ngize uwo mbatiza mu matorero yanyu yose, ni uko nzamubatiza.” Ndavuga nti: “Wamwakira, mwene Data Ness?”

²⁴⁰ Yaravuze ati: “Rwose. Yabatijwe mw’izina rya Data, Umwana, n’Umwuka Wera.”

Ndavuga nti: “Wamwakira, Mwene Data Scism?”

Aravuga ati: “Mu by’ukuri, yabatijwe mw’izina rya Yesu.”

²⁴¹ Ndavuga nti: “Noneho byakugendekeye bite, mwene Data? Kuki utabyemera, ngo usenye inkuta aho aba bantu bakennye bari. . .? Abizera Imana imwe bashaka, mu by’ukuri, amateraniro, bashaka gusengera hamwe n’abo mu Materaniro. Kandi abo mu Materaniro, amateraniro, bifuza gusengera hamwe n’Abizera Imana imwe. Kandi abavandimwe ni uko

bameze. Ni bwo buryo. Ariko igihe cyose satani ashobora gutuma barwana. . .”

²⁴² Noneho murabona icyo nshaka kuvuga, bavandimwe? Ndimu nerekeza kuri icyo kintu kimwe, Yesu Kristo, no guhuza Umubiri wa Yesu Kristo. Ni yo ntego yanjye.

²⁴³ Noneho, ntacyo nabivugaho, “Yewe, nutabatizwa mw’Izina rya Yesu; uzajya ikuzimu.” Ubu, byo ntacyo bivuze.

²⁴⁴ Nzababwira uko byagenze ejobundi. Nari muri Texas. Mbere yo kugenda. . .Kandi—abavandimwe bari hano babibera abahamya. Itorero ry’Abizera Imana imwe, amatorero mirongo irindwi-n’abiri, yateye inkunga ibiterane byanjye. Nanjye nshyira mwene Data Petty, mwene Data wo mw’idini ry’Amateraniro y’Imana, ku ruhimbini muri iryo joro. Rero, muzi ko uko ari ukuri. Ni mwene Data w’agaciro, mwene Data Petty, niba hari umuzi, akomoka i Beaumont, muri Tegizasi. Ni umwe mu bagabo utunganye nigeze mbona. Umugore we ni Umunyagatolika wahindutse, umugore ukiranuka rwose. Ni umuntu nyakuri w’Imana.

²⁴⁵ Mbwira umuntu utunganye kuruta Roy Wead, wo mu Materaniro y’Imana. Vuga umwe muri aba bagabo, reba hano, abo bene Data bose nzi hano. Mwene Data wo mw’itorero rya Filaderifiya uri hano, hamwe n’abantu bo mu Materaniro y’Imana, none se hari ni inde muntu utunganye nkabo? Mbwira ni he. Mbwira ni inde mugabo utunganye kuruta Jack Moore? Bimbwire. Ni icyo bita. . .Ni ababo. Ntabwo ari intagondwa. Urasanga bikabije ku mpande zombi; kandi ni ho abantu berekana, kandi ni ho satani yerekana.

²⁴⁶ Ariko bose ni abantu b’Imana. Imana yabahaye Umwuka Wera. Niba atari ubuntu bw’Imana, twese twaba twarashize, hamwe no gusebanya kwacu n’ibindi nk’ibyo. Ni byo rwose. Ariko ubuntu bw’Imana buraduhuza. Ntibitangaje ko dushobora kuririmba, “Hakuzwe uwo murunga uhuza imitima yacu mu rukundo rwa Gikristo.” Ni byo dukeneye, noneho.

²⁴⁷ Noneho murabizi? Umuyobozi Mukuru w’i—w’itorero, yarampamagaye, arambwira ati: “Wari uzi ibyo wakoze mw’ijoro ryakeye?” Ijoro ryanjye rya kabiri ndi hariya.

Ndavuga nti: “Ni ibiki?” Ndavuga nti: “Nagize amateraniro meza.”

Aravuga ati: “Wari ufite umugabo w’umunyabyaha ku ruhimbini rwawe.”

Naravuze nti: “Ntabwo nari mbizi.” Yari he. . .

Ati: “Wawundi Bwana. Petty.”

²⁴⁸ “Yoo,” Ndavuga nti: “umunyabyaha? Ni iki?” Ndavuga nti: “Ni umubwiriza wo mu Materaniro y’Imana, mwene Data.”

249 Aravuga ati: “Yego, ariko aracyari umunyabyaha, kuko atabatijwe neza.”

250 Nanjye nti: “Mwene Data, senga umbwire impamvu.” Ndavuga nti: “Afite Umwuka Wera.”

251 aravuga ati: “Mwene Data Branham, Petero yavuze ngw’iki? ‘Nimwihane, kandi mubatzizwe mu Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubabarirwe ibyaha byanyu.’ Kubw’ibyo ibyaha byawe ntibishobora kubabarirwa utarabatizwa mw’Izina rya Yesu.”

Ndavuga nti: “Iryo ni ryo hame, mwene Data?”

Aravuga ati: “Ngiryo ihame.”

252 Ndavuga nti: “Imana yahindaguye imigirire Yayo noneho, mu Byakozwe n’intumwa 10:49, Kuri, ‘Mu gihe Petero yari akivuga aya magambo, Umwuka Wera amanukira kuri abo bumvise Ijambo,’ murareba, kandi ntabwo bigeze babatizwa, rwose. Noneho, one se Imana iha Umwuka Wera abantu batigeze bahinduka?” Ndavuga nti: “Ubu muhagaze kw’isi uhagaze?”

253 Aravuga ati: “Uzi icyo tugiye gukora?” Ati: “Turimo gushushanya impeta ntoya, kandi turagushushanya neza mu ruziga.”

254 “Hanyuma,” ndavuga nti: “Ngiye gushushanya urundi, kandi ndagushushanya neza.” Ndavuga nti: “Ntushobora kunkurura, ’kubera ko ngukunda. Murareba, ntushobora kubikora.” Ndavuga nti: “Hano hari benshi cyane mu bavandimwe banyu—banyu bari hanze bankunda kandi banyizera.” Ndavuga nti: “Wowe, nzabikora—nzabikora...Bazaza, uko byagenda kose.” Ndavuga nti: “Bazaza. Kandi ntushobora kunkuramo. Nunkuramo, nzagusubiza inyuma.” Ndavuga nti: “Nimukora uruziga rumwe, Imana, kubw’ubuntu bwayo, izanyemerera gushushanya urundi kandi nongere mbagarure.” Ni byo, nongera mbagarure neza.

255 Kandi, mwene Data, yewe, mw’Izina rya Kristo nshobora kuvuga ibi. Na—nabonye...Nzi ko mfashe umwanya hano; kandi igihe cyo gufunga kiregereje, ndakeka, ariko reka mvuge ibi, murareba.

256 Nabwiye uriya mugabo, narambwiye nti: “Najyana nawe mu gihe cyose ubwiriza Ibyanditswe, ukanagira urukundo, kandi ubyemere—ibyo...ibyo kandi ubwirize uvuge ko wabatizaga abantu...atari mw’izina rya ‘Yesu,’ Yesu gusa. Oya, mugenzi. Nzi—nzi neza ko bitazagenda, ’kubera ko nzi ba Yesu benshi; mbazi muri Afrika n’ahandi hatandukanye, abantu bitwa Yesu. Ariko niba uzakoresha ijamba ‘Umwami wacu Yesu Kristo,’ Najyana nawe kuri ibyo. Ni byo rwose. Nzagumana nawe. Ndatekerezza ko ugomba kubanza ‘Data, Umwana, n’Umwuka Wera,’ murebe, kugira ngo bibe byiza.” Ndavuga nti: “Ndatekerezza ko ari ko ugomba kubikora.”

Ariko aravuga ati, “Yoo, oya, oya! Ibyo, ibyo bigaruka ku butatu.”

Ndavuga nti: “Ntabwo ari ubutatu. Ni Imana imwe mu mirimo itatu.”

²⁵⁷ Ntabwo ari ubutatu, Imana eshatu. Ntabwo dufite imana eshatu. Rwose si byo. Nta kintu nk’icyo kibaho. Ntabwo byigishijwe muri Bibiliya. Kandi hariho Imana imwe rukumbi. “Umva, yewe Isiraheli we, Ndi Uwiteka Imana yawe.” Imana imwe! Itegeko rya mbere, “Ntuzagire izindi mana imbere Yanjye.” Mu by’ukuri, ni Imana imwe, ntabwo ari eshatu.

²⁵⁸ Iyo ni imvugo yabyo ya Gatolika; kandi byari, kuva muri Gatolika ujya muri Luteriyani, hanyuma ugakomeza, n’ibindi n’ibindi, kandi muri rusange byemezwa mu bantu muri iki gihe ko dufite Imana eshatu.

²⁵⁹ Kandi ni ho utazigera... Ubu Butumwa bwiza ntibuzigera bujya ku Bayahudi... Ni inde, ejobundi nahanuriye umumisiyoneri w’Umuyahudi uri hariya. Ntuzigera ujyana Imana y’ubutatu ku Muyahudi. Ntuzigera ubikora. Iyihe, ntabwo ari byo; afite imyumvire iruta ibyo. Murebe, azi byinshi kuri Bibiliya kuruta ibyo. Ariko ntabwo ari Imana y’inyabutatu, ku mu—ku Muyahudi. Niba uzamumenyesha ko ari Yehova umwe, azabyakira nonaha. Nta gushidikanya! Ni byo, murebe.

²⁶⁰ Kandi ibyo byose ndabyizera. Nk’uko Yosefu yavuze ati: “Muvandimwe, ntukirakarire, kuko ibi ni Imana yabikoze,” murabona. Ku—ku kintu kiri... Kugira ngo bishobore gutegereza kugeza iki gihe, ibyo ari byo byose, kuko imyaka yacu y’Abanyamahanga yenda kurangira. Noneho, ndabyizera n’umutima wanye wose. None se murabona, bavandimwe banjye? Ndagerageza kwerekeza ku kintu runaka, ko, iri tsinda ry’abantu, ry’abantu bafite umubatizo w’Umwuka Wera.

²⁶¹ Itsinda rya Aimee McPherson, ryakoze iki? Yabanje kuba Uwizera Imana imwe, ndizera; hanyuma arasohoka ahinduka uwo mu Materaniro; hanyuma avamo arisuganya we ubwe mu buryo butandukanye; hano ntabwo ari kera, ashiraho itsinda rito, ikintu gito.

²⁶² Nari nicaye mu nama ya O. L. Jagers. Noneho, twese tuzi O. L. Jagers. Ise—ise yafashaga gushinga Inama Rusange ryo muli Assemblies of God. Ubu, O. L. ni umuntu ukomeye. Ni umubwiriza ukomeye. Naramubwiye, bitari kera, naravuze nti: “Mwene Data Jagers, niba nashoboraga kubwiriza nk’uko ubikora, sinakwigera nkora igikorwa cyo gukiza abarwayi.” Ariko we yari afite ayo maraso yose na vino, n’ibindi bintu, ubwo yatangiraga hariya bwa mbere.

²⁶³ Mumbabarire, niba ndimo kubabaza ibyiyumviro byanyu, bavandimwe, kuri ibyo. Nda—nda... Ni byo rwose. Imana ishobora gutuma amaraso aza, vino ikaza, cyangwa amavuta akaza, icyo Ishaka cyose, ariko ibyo ntibikuraho ibyaha.

Oya, mugenzi. Oya, mugenzi. Oya. “Amaraso ya Yesu Kristo ntazigera atakaza imbaraga Zayo, kugeza igihe Itorero ry’Imana ryacunguwe ryose rizakizwa, ntirizongere gucumura.”

²⁶⁴ Naravuze nti: “Mwene Data Jagers?” Naramufashe; Ndamuhamagara. Kandi nari kumwe n’Abagabo b’Abashoramari b’Abakristo. Nuko ndababwira, naravuze nti: “Mwene Data O.L.?”

²⁶⁵ Yarambajije ati: “Uri mu yihe si?” Nari aho muri moteli ntoya ishaje iciriritse. Arongera ati: “Ushatse kumbwira ko hano bagushyize hanze?”

²⁶⁶ Naramubwiye nti, “Ni cyo cyifuzo cyanyje. Iyo nje ngusanga,” Naravuze nti: “wakoze iki? Wanshyize hariya muri Statler Hotel, kandi nagombaga guhagarara mu nguni. Banyicaje ku meza; sinari nzi icyuma nakoresha, cyangwa niba nta kindi kintu. Kandi sinabikoze... Namanutse aho ngaho, nta koti nambaye, bashakaga kunsohora ngo njye hanze.” Nuko ndavuga nti: “Si—sinzi uko mbyifatamo.”

Yaravuze ati: “Nzakujyana hariya, niba bakennye cyane ku buryo batabasha kubikora.”

²⁶⁷ Naravuze nti: “Oya, mugenzi.” Ndongera nti: “Icyo nshaka kukora ni ugusangira inyama na we, niba uri buyishyure.”

Nuko aransubiza ati: “Nta kibazo.”

²⁶⁸ Ubwo rero twagiye ahantu, turicara. Nuko ndavuga nti: “Mwene Data Jagers, rwose ndakunzerewe...”

²⁶⁹ Kandi ni inshuti yanjye nkunda cyane, mwene Data w’agaciro. kandi na—nari mfite agatabo ke, nuko ya... aho yari kumwe n’uriya mugore uza hano avuye mu mahanga, wari ufite ayo maraso mu ntoki, n’ibindi bintu. Nari mbifite rero hano. Nashakaga gusa ko abihakana rimwe, hanyuma nkagira uburenganzira ku—ku rupapuro rwe, murabizi.

²⁷⁰ Naravuze nti: “Nabonye aho ugiye neza, ufite, ugiye gutangiza ububyutse bunini.” Impamvu, Abagabo b’Abashoramari bari bamfite hariya, birumvikana.

²⁷¹ Reba nk’abantu babimenya. Niba Umwuka Wera ashobora guhishura mu ruhame, ese We ntashobora kumbwira ibibera ahantu, bavandimwe?

²⁷² Nshobora kubabwira, ijambo ku rindi, kandi nkabigaragariza kuri mwene Data Carlson, n’uyu mwene Data uri hano. Nicaye mu nama, ejo hashize, mbwira abo bavandimwe ibizabera hano muri iki gitondo. Ni byo. Ni ukuri. Murareba? Kubera ko, Umwuka Wera yarankanguye, arambwira ati: “Hagarara kw’idirishya.” Narebye, kw’idirishya, Anyereka neza ibi. Naravuze nti: “Noneho, bavandimwe...” [Umuvandimwe aravugaga ati: “Ni byo.”—Ubwanditsi.] Ibi narabiberetse, ni byo rwose. Ahongaho! Murareba?

Kuki, bagomba kubimenya.

273 Hano nta gihe kinini gishize, umugabo yarahagurutse, hano kuri Chautauqua, aravuga ati: “Mwene Data Branham ni umuhanuzi.” Sinsaba kutaba umuhanuzi. Murareba? Ariko yaravuze ati: “Mwene Data Branham ni umuhanuzi iyo ari muni y’Umwuka w’uburondozi, ariko,” ati: “yewe, Inyigisho ze ni uburozi. Muzitondere.” Naratekereje, ku muntu wize, ese yashobora kuvuga ikintu nk’icyo?

274 *Umuhanuzi* bisobanura iki? “Umusobanuzi w’Ijambo.” “Ijambo ry’Uwiteka ryaje ku muhanuzi,” murabona. Ariko, ibyo gusa, ntabwo ari byo kumva cyangwa kuvuga.

275 Ariko, uko byagenda kose, mwene Data Jagers. Nanjye nti, yaravuze ngo, yewe . . . Naravuze nti: “Nabonye ibyerekeye uriya mugore ufite ayo maraso mu ntoki.”

276 “Yoo,” aravuga ati: “Mwene Data Branham, ibyo ni ibintu byiza cyane wigeze ubona!”

277 Naravuze nti: “Mwene Data Jagers, ndagukunda. icyambere, ndashaka ko ushyira ikiganza cyanjye mu cyawe. Reka tuvuge ko turi abavandimwe.”

Yaravuze ati: “Ni byo. Ikibazo ni ikihe?”

278 Naravuze nti: “Uri umwe mu babwiriza bakomeye nzi. Mbega i—mbega ukuntu uri igikoreshe cy’Imana!”

279 Yaravuze ati: “Urakoze, mwene Data Branham. Wicisha bugufi rwose.”

280 Naravuze nti: “Simvuze uko kwicisha bugufi. Ndabivuze kubera ko mbyizera. Uri umugaragu w’Imana.” Ariko naravuze nti: “Mwene Data Jagers, cyeretse niba ari wowe . . . Urimo—urimo kwiruka cyane; ntabwo wabonye impirimbanyi ku byo uvuga. Urimo gushingira . . .”

281 Kandi dore ikibazo kuri benshi muri mwebwe Amateraniro y’Imana, n’abandi bantu, kuri iyi mirimo yo gukiza abarwayi. Sinagushinja. Hariho byinshi byitwa . . . Kandi Tommy, hano, ni mwene Data mwiza, kandi tuzi uko ahagaze yemye. Ariko hari ibintu byinshi mu gihugu uyu muni mw’izina ry’ugukiza kw’Imana, ntibitangaje kuba udashaka gutera inkunga amateraniro yo mu mujyi. Baraza bagakomeretsa abantu, nuko bakisohokera. Bungutse iki? Ntugahe abantu ibirengeje ibyo ukorera mu ruhame, uherye ku gicaniro cyawe. Kandi uvuze ukuri, muvandimwe. Ndakubwira, uvuze ukuri. Ariko ni nka . . .

282 Nasomaga amateka ya Maritini Luteri. Avuga ngo: “Ntabwo byari amayobera ko Maritini Luteri ashobora kwamagana kiliziya Gatolika, akabigeraho.” Mwasomye amateka ye. “Ariko uko Maritini Luteri yashoboraga kuzamura umutwe we hejuru y’ubufana bwose bwakurikiye ububyutse bwe, harimo amayobera.”

²⁸³ Kandi iyo ibintu birangiye, gukebwa gukurikiraho, neza nk'uko byari bimeze muri Egipta. Kandi buri gihe byateje ibibazo mu gihugu. Turabizi, iyo dusohotse hanze. Ninde, wazamuye Kora, kandi Imana yagombaga kuyisenya. Ariko, bavandimwe, simbibahora.

²⁸⁴ Mwene Data Jagers yicaye hariya agerageza kumbwira ko uwo ari Umwuka Wera ukora ibyo. Maze ndavuga... Hanyuma, nari mfite, mu mpapuro ze bwite... Naravuze nti: "Muvandimwe Jagers, ubu," naravuze nti: "Ndi umunyeshuri wo mu cyiciro cya karindwi. Kandi wowe uri Dogiteri w'Iyobokamana, kandi warigiye kuba umwavoka. Wakuriye mw'itorero risukuye, riyubashye, Amateraniro y'Imana. So yagufashije mu kubona uko kwemera. Kandi urivamo, ibyo birakureba." Ariko naravuze nti: "Ibyo bireba umuntu uwo ari we wese, ushaka gukora ibyo. Ntabwo nciye umurongo hano. Ariko iyo bigeze ahantu igikoresho nka we, gishobora kugarurira ubugingo ibihumbi kuri Kristo, byakubaka umurimo wawe ku byiyumviro." Naravuze nti: "Mwene Data Jagers, wubatse inkingi nk'uyo, niba utarabona impirimbanyi kuri ibyo, izahirima nyuma y'igihe gito. Kandi ugomba kugira Ibyanditswe ku byo uvuga."

Yaravuze ati: "Ibyanditswe birahari."

Naravuze nti, "Byerekane."

²⁸⁵ Yaravuze ati: "Rero, Mwene Data Branham," ati: "uwo ni Umwuka Wera ukora ibyo."

²⁸⁶ Naravuze nti: "Nyereka aho Ibyanditswe bibivuga, Umwuka Wera yigeze atuma amaraso ava ku muntu, n'ibindi n'ibindi, nk'ibyo. Byerekane gusa; amavuta abasohokemo. Wavuze uti: 'Ayo mavuta yari agamije gukiza indwara kw'Imana.' Kandi waravuze uti: 'Amaraso y'uwo mugore ashobora kuba agakiza k'amahanga.'" Naravuze nti: "Niba ari byo, none se byagenze bite ku maraso ya Yesu Kristo? Yakuweho. Kandi ikintu cyose kirayarwanya, ntikiyashyigikiye. Kirayarwanya." Naravuze nti: "Ahinduka inyigisho ya antikristo."

"Yoo," yaravuze ati: "Mwene Data Branham, umunsi umwe uziga."

²⁸⁷ Naravuze nti: "Nizere ko ntazigera niga gutyo. Noneho mwene Data," Naravuze nti: "Ndagukunda, kandi uri mwene Data." Ndongera nti: "Mwene Data Jagers, ugiye guhagarara kw'ishami, nyuma y'igihe gito, ku buryo udashobora kuryikuraho. Garuka mw'itorero ryawe, hanyuma ugaruke ugumane n'Ubutumwa bwiza." Nanjye nti: "Ntukubakire ku byiyumviro." Naravuze nti: "U..."

²⁸⁸ Noneho afite, abatiza mu Bugingo bw'Iteka, murabizi, "Igihe cyose iyo ubatiza, usubira ku mugore cyangwa umugabo muto. Noneho ibyo bigiye... Ntabwo (nta na rimwe) uzapfa." Rero, ibyo, ni, ari ku mpera y'ishami ubungubu; na bo "ibinini

bya vitamine biva mu nyanja y'Umunyu.” Urabona? Ariko ibyo ni uko biri, mwene Data, utangirira kuri ibyo byiyumviro bito.

²⁸⁹ Namwe bantu muri hano mwabonye aya matorero, murareka ikintu nk'icyo kikaza mu muji, kandi, murabizi, satani ni umunyabwenge, kandi we—asimbukira ku bintu nk'ibyo. Abyitaho. Na we—atera abantu ibikomere, kandi atera urujijo mw'itorero, n'ibindi bintu. Ariko ibyo si ko bimeze.

²⁹⁰ Noneho, hano. N'ubwo waba ufite ukuri kose, dore ikintu kimwe twatakaje kandi tubura, bavandimwe. Noneho ndangije, mvuga ibi. Uko naba umunyakuri kose, n'ukuntu naba uwubahiriza Ibyanditswe kose, n'uko naba nzi byinshi kuri Bibiliya y'Imana kose; niba ntarabona Umwuka w'Imana, w'urukundo, mu mutima wanjye, ku nyoko muntu yose n'ibindi, naba nibeshya mu kubitangiraho.

²⁹¹ Noneho, Pawulo yaravuze, mu Bakorinto ba Mbere 13, “Ntekereza ko mfite ubumenyi, murebe, kandi numva ubwiru bwose bw'Imana, murebe; muni ya byose, mpagaze; kandi ntafite urukundo, ntacyo naba ndi cyo. Kandi n'ubwo naba mvuga ururimi rw'abantu n'urw'abamalayika,” abo ni bo ubwira Imana, kandi buri gihe bamwe ntibashobora gusobanurwa. “N'ubwo mvuga indimi, indimi nyazo z'abantu n'iz'abamalayika, kandi ntafite ubugwaneza, urukundo, ntacyo byamarira.” Niba rero nzi ubwiru bwose bw'Imana, kandi nshobora kubufungura maze—maze nkabwamamaza bwose hamwe, kandi ntafite urukundo, ni iki byamarira kiza? Kandi iyo njye. . .

²⁹² Yesu yaravuze ati: “Ibi bizatuma abantu bose bamenya ko muri abigishwa Banjye, mu gihe mufite. . .” iyo ab'Amateraniryo y'Imana bafitiye urukundo Abizera Imana imwe, kandi Abizera Imana imwe bakunda ab'Amateraniryo y'Imana, “iyo mufite urukundo, umwe kuri mugenzi we,” mube abanyakuri cyangwa abanyakinyoma. Kandi igihe cyose ikigamijwe ari ikinyoma, intego ni ikinyoma, ahubwo, noneho uribeshya kubitangirana. Ibyo si byo? Muebe, “N'ubwo navuga ururimi rw'abantu n'urw'abamalayika, kandi nkaba ntafite urukundo, ntacyo naba ndi cyo.” Kubera ko, Imana ni urukundo. Turabizi.

²⁹³ Kandi nizera kuvuga mu ndimi. Noneho, umuntu yaravuze ati: “Mwene Data Branham ntabwo yizera ibimenyetso bya mbere.” Ndashaka kubisobanura neza hamwe na mwe ubu. Murareba? Ndashaka kubibabwira.

²⁹⁴ Nizera ko iyo umuntu yakiriye Kristo, yakira igice cy'Umwuka Wera. Impamvu, Yesu yaravuze, muri Matayo—igice cya 12, igice cya 5 na makumyabiri—. . . umurongo wa 24, Yaravuze. Oya, ndizera ko ari Mutagatifu Yohani 5:24. Yaravuze ati: “Uwumva Amagambo Yanjye, akizera Uwantumye, afite Ubugingo Buhoraho.” Noneho, hariho uburyo bumwe gusa

bw'Ubugingo Buhoraho. "Ntiyaje gucirwaho iteka; ahubwo yavuye mu rupfu ajya mu Buzima."

²⁹⁵ Noneho, ndizera ko nta muntu ushobora kwihamagara we ubwe; Imana igomba kumuhamagara. Niba kandi koko Imana yaramuhamagaye...Kandi hariho abantu benshi, turabizi, bavandimwe, ibyo byarakozwe kandi batekereza ko Imana yabahamagaye, ariko ubugingo bwabo vuba aha...shakisha, urabimenya. Ariko niba Imana yaraguhamagaye, kuki, uri, uzaba uhari, kandi uzagumayo, reba, umenye. Hanyuma ubwo niba...Noneho, iyo ntabwo ari inyigisho y'Ababatisita. Murabizi, murebe.

²⁹⁶ Ariko, ntabwo nizera guhana ibiganza no kuhabwa umutekano w'Iteka, n'ibyo bintu byose. Ntabwo—ntabwo ibyo mbyizera, nta na gato. Niba bashaka kubyizera, ni byo, byose ni byiza. Ndacyakomeza kuvuga ko bari aba benedata banjye.

²⁹⁷ Muri iki gitondo, niba ngiye gusaba igice cy'umugati, (ni hafi y'ifunguro rya nimugoroba), Nshobora kuba nkunda urimo serize, wowe ugafata urimo pome, ariko twembi tuba turiye imigati. Murareba? Rero ntacyo bitwaye...igihe cyose tuba tufungura umutsima.

²⁹⁸ Ni bwo buryo twizera. Niba ushaka kuba Uwizera Imana imwe, ube We; niba ushaka kuba uw'Amateraniro y'Imana, ube uw'Amateraniro y'Imana. Niba ushaka kuba icyo uri cyo cyose, Umubatisita, Umuperesibiteriyeni, ube Umukristo muri byo. Urareba?

²⁹⁹ Kandi—kandi ubishakishe wowe ubwawe, ariko ntukajye utongana n'undi. Kubera ko, utuntu duto, twose twikusanyiriza hamwe. Ni byo. Bose bikusanyiriza hamwe hanyuma bakaza ahantu hamwe.

³⁰⁰ Kandi—kandi tutitaye ku byo dukora, ni ibitangaza bingahe dushobora gukora, ni imisozi ingahe dushobora kwimura, cyangwa ibyo ari byo byose, kugeza tugeze ahantu dukunda, ntabwo dukora-kwizera, ahubwo turakundana. Iyo dukunda mwene Data wese, tutitaye kw'itorero abarizwamo, tuba tumukunda; atari ukwitwa ko tubikora, 'kubera ko tuzi ko ari igitekerezo cy'iyobokamana, ni, "Tugomba kubikora." Ariko, kubera ko tubikora, dukundana; hanyuma, kukababara igihe kirekire, twihanganirana.

³⁰¹ Kandi ndizera, mu Bakolosayi 3, hafi 9, ahantu hamwe hariya...Nshobora, ntabwo—ntabwo...Nshobora kuba nibeshye ku byanditswe Byera, ariko Bivuze ibi. Tumaze kuba Abakristo, ntidukwiye kwifuza. Murareba? Ntidushobora kugira ukwizera mu gihe tutagerageza kubahana no guhana agaciro. Murebe, ntidushobora gukora ibyo; ntidushobora kugira ukwizera. Twahawe kubaha Imana, kuyibona, kuyubaha. Nizerera muri bene Data, byanze bikunze, ni urukundo; ariko

icyubahiro n'ubutware bijya ku Mana! Naho i... Ariko mugire kwizera no kwizerana. "Kandi ntimukabeshyane." Murareba? "Ntimukabeshyane." Niba mbabwiye muri iki gitondo nti: "Ndabakunda," Ni ibyo ngomba kuba mvuze. Niba atari ibyo, mba ndi indyarya. Ni byo rwose.

³⁰² Noneho, bavandimwe, kuri uyu murongo... Noneho, mwene Data Tommy, nizere ko ntakabije gutinda hano cyane. Na... Mwene Data Tommy yabonye icyo avuga mu masegonda gusa. Ariko nshobora kuvuga ibi, iyo ninjiye mu bitekerezo byawe...

³⁰³ Ndabyizera. Nizera ko Imana Data yatwikiriye umwari witwa Mariya, hanyuma ikamuremamo uturemangingo tw'Amaraso yazanye Yesu Kristo, wari Umwana w'Imana, urusengero Imana yigaragariye Yo ubwayo, mu mubiri, yigaragariye We ubwe muri twe. "Imana yari muri Kristo, Ahuza isi na We ubwe." Nizera ko utwo turemangingo tw'Amaraso twamenewe i Kaluvuri, kugira ngo ibyaha byacu bibabarirwe. Umwuka wamusohotsemo ugaruka kw'Itorero, 'impamvu, Kristo, Umwuka Wera; Kristo, Logos, ari muri twe ubu, Umwuka Wera, ku bwo kubatizwa. Kutugira... Kristo yaritandukanije We ubwe, atanga Ubuzima Bwe kuri buri wese muri twe, kugira ngo twebwe, nk'itsinda ry'abantu, dushobore kuba Itorero ry'Imana. Kandi si kera...

³⁰⁴ Nakundaga gutembereza ifarashi. Murabizi. Data yatemberezaga ifarashi, umurashi kabuhariwe. Nanjye natemberezaga ifarashi. Twaragiye i-i...mu Kibaya cya Arapaho, cyangwa ndavuga Umugezi wa Troublesome, uba hejuru ya Arapaho Range. Ishyamba rya Hereford ririsha muri icyo kibaya. Kandi muri icyo kibaya, aborozi, ba-bafite ibyatsi byinshi ku bashobora kubireka bigakura. Kandi urwuri iyo rutanze umusaruro ugera nko kuri toni y'ibyatsi, ushobora kwahura inka mu-mu rwuri, hariya haruguru hefo ya Estes Park, ushobora kwahura inka kuri izo nzu... Ahantu hanjye ho guhiga, hariya. Kandi naragiyeyo umwaka umwe. Ndagiye rero, mu Mpeshyi no mu Muhindo, iyo ntabaga ndi mu kazi kandi mbishoboye, natemberaga kw'ifarashi nkazenguruka, gusa kugira ngo mbe hariya, 'kuko nkunda gutembera kw'ifarashi. Kandi mba ndi hasi-hejuru nsimbuka...muri icyo kibaya, hari agatsiko k'aborozi bafite uburenganzira kari hano, bwo kuragira inka zabo. Kandi mu gihe cy'Impeshyi, inshuro nyinshi, nabafashaga guhuriza hamwe amashyamba yabo no kuyayobora hariya.

³⁰⁵ Kandi hari uruzitiro, aho badashobora kurenga ngo bavogere mu mitungo bwite y'abandi, rumanuka rugororotse. Kugeza...Kandi umurinzi yahagararaga aho akabara ayo mashyamba iyo agezemo, iyo yinjiye. Kandi nicaraga, inshuro nyinshi ku munsi, isaha kw'isaha, ndeba ishyamba rya Bwana Grimes' ryanjiramo, yari afite Diamond Bar; ayacu yari Turkey Trucks; naho bo bari bafite za-za Tripod neza

hepfo yacu; ndetse na za Jeffrey, n'izindi. Noneho iyo nshyize ukuguru, nk'uko benshi mubizi, hakurya y'ihembe ry'igitereko cy'amatabaza, hanyuma nkicara aho nitegereza uriya murinzi uko ahagaze, arimo kubara aya mashyo.

³⁰⁶ Nabonye ikintu kimwe. Ntiyitaye cyane ku kirango cyari kiyariho. Ariko hari ikintu kimwe yashakishaga rwose, cyari ikimenyetso cy'amaraso. Yagombaga kuba yororerwa neza Hereford cyangwa ntiyashoboraga kujya inyuma y'uruzitiro, ariko ikirango ntacyo cyahinduye cyane.

³⁰⁷ Kandi nibaza uko bizagenda ku munsu w'Urubanza. Ntabwo azareba ibirango byacu, ahubwo azashakisha ikimenyetso cy'Amaraso.

³⁰⁸ Nakoze amakosa yanjye, bavandimwe, kandi nakoze ibintu byinshi bibi. Niba kandi igihe cyose mu rugendo narazanye, cyangwa mwarigeze mwumva ikintu nshobora kuba naranditse cyangwa naravuze, cyavamo icyaha cy'ubwoko runaka, cyangwa niba hari icyo naba navuze muri iki gitondo kivamo icyaha, Ndabasabye, nka bene Data na bashiki banjye b'Abakristo, mumbabarire. Simvuze ngo mubikore. Gusa nabafunguriye umutima wanjye, kugira ngo tubimenye.

³⁰⁹ Niba hari umubatizo ugomba gukorwa, mwebwe bavandimwe nimubikore, mwebwe ubwanyu, murebe. Ni byo, Nta—Ntabwo mbikora. Niba nari mfite, ni bwo buryo nzabatizamo, bumwe nk'ubwo. Kandi umwe muri mwe ashobora kubikora, murebe. Mushobora rero gufata abantu, barabatijwe mw'Izina rya Data, Umwana, n'Umwuka Wera, kandi barabatijwe mw'Izina ry'Umwami Yesu Kristo, nabo. Niba rero narigeze kubatiza umwe... ariko ubu sindabikora. Mbatiza gusa mw'itorero ryanjye bwite, kandi abo ni bo bantu bahari. Kandi ubwo ni bwo buryo abantu bo mw'itorero ryanjye babatizwamo. Muramutse musubije amaso inyuma, mwasanga uwo ari wo muhango wa kera w'Abamisiyoneri, umuhango wa kera w'Abamisiyoneri b'Ababatisita. Noneho niba... Ni byo.

³¹⁰ Nizera gukiza uburwayi kw'Imana. Nizera umubatizo w'Umwuka Wera. Nizera mu—mu Mwuka Wera uvugira mu ndimi. Nizera impano zose Imana yahaye Itorero Ryayo. Ndi uwabo, ijana kw'ijana. Ariko ndizera... .

³¹¹ Ntabwo ndimo kubw'ibi bintu byinshi byo gukiza uburwayi by'ibikabyo byadutse muri iyi minsi. Ndashaka gusa kugira icyo mvuga hano. Igihe gishize habayeho umuvandimwe... Kandi ntabwo ari mwene Data w'igiciro cyinshi Tommy Hicks, nshimira ko ari umugaragu nyawe wa Kristo. Hariho undi mugabo wo mu kindi gihugu, kandi muri iki gihugu hari u... Yari umukiranutsi, igihe cyose, "Umuvuzi-w'ibikabyo w'Imana! Umuvuzi-w'ibikabyo," murabizi, ibintu nk'ibyo.

³¹² Nakiriye ibaruwa umugabo yari amaze ku... yari iturutse mw'itorero ry'Abaluteriyani. Kandi umunyamabanga wanjye

hano azi ko tuyifite muri dosiye. Ntabwo navuga izina ry'uwo mugabo, kuko bitangaragaza-nk'Umukristo. N'ubwo, ntemeranya n'ibitekerezo by'uwo mugabo, ariko ni byiza rwose. Ndamukunda. Ni mwene Data.

³¹³ Ariko byabagejeje gusa ahantu bahawe gusa ibimeze nk'ibiyumviro, cyangwa gusimbagurika, cyangwa ikindi kintu nk'icyo, murebe. Kandi, ibyo, ntabwo ari byiza, reb. Mwene Data . . . "Imyitozo ngororangingo irananza buhoro buhoro."

³¹⁴ Kandi rero uyu mukozi w'Umuluteriyani yasubije uyu mukozi i-i-ibaruwa. Nuko aravugaga ati: "Mwebwe abavugabutumwa b'Abanyamerika muza hano," ati: "hamwe n'ibikabyo byanyu byo gukiza uburwayi kuri buri wese!"

³¹⁵ Noneho ubu ibi bisa nk'aho ari igipfunyika kuri nyje, ariko Imana izi ko ntavivuze muri ubwo buryo. "Ariko," yaravuze ati: "igihe-igihe Deborah Stadsklev yapfaga, rwa ruhinja, uwo mubyeyi yari yahagazeyo uwo muni mu Buhinde- . . .muri Californiya, aho uwo mwana yapfiriye, kandi yari yakonje. Kandi yabonye . . .yarambitse uriya mwana mu maboko ya mwene Data Branham, maze ahagarara aho aramusengera. Umwana atangira kuvuza induru no gutera imigeri; hanyuma aramumusubiza."

³¹⁶ Yari azi kandi iby'ikibazo cy'i Mexico. Ikihe, dushobora gushingira ku byo Abagabo b'Abacuruzi bo mw'Ivugabutumwa Risesuye bavuze. Ugomba kugira ikintu cyavuzwe na muganga. Igihe ako kana gato ko muri Mexico kari kamaze gupfa muri icyo gitondo, saa tatu, byari bimaze kugera saa tanu z'ijoro. Muganga yanditse raporo. Mwene Data Espinoza, benshi muri mwe bavandimwe bo mu Materaniro y'Imana muramuzi, ni we wahawe iyo raporo ivuye ku muganga, ko umwana yafuye.

³¹⁷ Nabonye iyerekwa hejuru y'imbaga, igihe Abanyagatolika ibihumbi makumyabiri baza kuri Kristo, mu Muji wa Mexico. Naravuze nti: "Wowe mufate gusa. Simbizi, uriya mwana . . . Gusa nabonye iyerekwa hanze aha."

³¹⁸ Kandi Billy yari ahari, agerageza, hamwe n'abashinzwe kwicaza abantu mirongo itatu cyangwa mirongo ine, ntibashoboraga kugumisha uriya mugore muto ku murongo w'amasengesho, hamwe n'uwo mwana. Yari kubaca hagati y'amaguru, n'ibintu byose. Noneho, amaherezo, nohereje Jack Moore. Naravuze nti: "Genda, umusengere."

³¹⁹ Narebye hanze, mbona akana gato ko muri Mexico kamwenyura. Naravuze nti: "Tegereza umunota umwe. Muzane hano." Murareba? Igihe nashyiraga ibiganza byanjye kuri ako karingiti . . .Hahise hagwa imvura, umunsi wose. Bari bahagaze aho kuva mu gitondo cya kare, kandi byari bimaze kuba nko mu ma saa tanu z'ijoro. Nuko ndambika ibiganza byanjye ku mwana muto. Atangira gutera imigeri no kurira. Nuko batangira kuvuza induru.

320 Rero, ubwo baramujyanye bajya gusaba indi raporo. Bagaye kwa muganga, umuganga ati: “Navuze ko umwana yapfuye, muri iki gitondo saa tatu. Yishwe n’umusonga.” Murareba? Noneho rero ibyo bintu ni—ni—ni ukuri. Ni ibyavuzwe. Bigomba kuba ari ukuri.

321 Tugomba guhora turi inyangamugayo no kuvugisha ukuri ku bintu byose. Ntukagire icyo ukora... Reka gusa bibe uko biri. Reka bi... Imana ntikeneye ubufasha ubwo ari bwo bwose. Murareba, Ni—Ni—Ni Imana.

322 Ibi rero yavuze ubu, “Ariko igihe uyu mubyeyi yahamagaraga mwene Data Branham muri Amerika, amuririra kuri telefone ati: ‘Ngwino uzure umwana wanjye muto!’ N’Ubuyobozi bwa Leta Zunze Ubumwe...”

323 Umugabo we ni umujyanama mu by’iyobokamana mu Gisirikare. Kandi mwese muzi Julius, benshi muramuzi; yanditse igitabo cyanjye, *Umuhanuzi asuye Afurika*.

324 Nuko uriya mubyeyi muto ukennye wo muri Noruveje, avuze induru, hejuru y’ijwi rye, ati: “Mwene Data Branham, Nari mpagaze aho igihe uwo mwana agarura ubuzima!” Ati: “Turizera ko uri umugaragu wa... wa Kristo.” Ati: “Ngwino, rambura ibiganza byawe hejuru y’umwana wanjye, azabaho.” Gusa yapfuye mu munota umwe cyangwa ibiri, yishwe n’umusonga; yari arwaye amasaha agera kuri ane, atanu.

325 Kandi aba bagabo bari hafi aho, basakuza bavuze induru, basimbuka hejuru-no-hasi, bavuga bati: “Imana igiye kumuzura! Imana igiye kumuzura!” Bati...

326 Kubw’ibyo, Indege ya Amerika... cyangwa, ntabwo ari Indege ya Amerika. Igisirikare cya Leta Zunze Ubumwe cyari kigiye kungurukana mu ndege, kikangarura, mu munsu umwe. Murareba?

327 Nanjye nti, “Mbere y’uko nza, reka mbone ubushake bw’Uwiteka.” Narasenze rero, iminsi ibiri. Kandi uriya muganga yari umuntu mwiza cyane kuba yararetse umwana akaryama aho.

328 Hanyuma, umunsu umwe mu gitondo, ndabyuka ntangira kugendagenda mu gikoni. Narerebye, mpagaze aho, hejuru, byari Umucyo gusa hafi y’ubunini bw’urwo rumuri, ruzenguruka, ndavuga nti: “Nturukoreho. Nturukubaganye. icyo ni ikiganza cy’Uwiteka.”

329 Ndiruka nsubira inyuma mpamagara igihugu, ndahamagara ndavuga nti: “Si—Sinshoboye kuza.”

330 Nuko Kandi uyu mukozi w’Umuluteriyani aravugaga ati: “Kubera iki mutategereza kugeza igihe muboneye icyemezo-gifatika kiva ku Mana, nk’uko mwene Data Branham yabigenje? Hanyuma mukamenya ibyo muvuga.”

³³¹ Noneho, ni uko bimeze, bavandimwe, niba tudasimbukira ako kanya ku myanzuro; ngo dutegereze, hanyuma tubone icyemezo cyiza giturutse ku Mana.

³³² Kandi ibi byose hano, ni ugukiza abanyabyaha badafite icyo bazi ku Mana. Nizera ko gukiza kw'Imana gushingiye kw'ihame, ko ugomba kuza ku Mana, mbere na mbere, kandi Yo ukayihira umutima wawe, kandi ukeza ubugingo bwawe mu maraso ya Yesu Kristo, hanyuma Imana izaza gukorana nawe igukize. Nk'uko uyu mwene Data yabivuze, ku byerekeye umugore muto yari yarasengeye hepfo aho, uwera w'Imana, murabona.

³³³ Mu buzima bwanjye, nakoze amakosa menshi. Nakoze ibintu byinshi bitari byo. Birashoboka ko, niba mbayeho igihe kinini, nzakora ibirenzeho. Ahari bamwe muri bo bazababera ibisitaza mu rugendo rwanyu. Nizere ko mumbabarira.

³³⁴ Nasomaga ibya Aburahamu, ukuntu yahuraga n'ibiteye ubwoba. Ni gute we, mbega, ibintu yakoze; yashidikanyaga ku Mana; abeshya umugore we; n'ibindi byose. Ariko igihe ibisobanuro bye by'Imana byanditswe mu Baroma 4, ntabwo byigeze bivuga amakosa ye, ahubwo biravuga bita: "Aburahamu ntiyigeze ahungabana" kubwo kutizera... binyuze ku Mana, "ahubwo yari akomeye." Amakosa ye yose yaribagiranye, igihe ibisobanuro by'Imana by'ubuzima bwe byandikwaga. Guhindagurika kwe nta n'ubwo byavuzwe. Amakosa ye ntabwo yavuzwe.

³³⁵ Kandi, bavandimwe, nizeye, ko igihe ibisobanuro byanjye bizasomwa wa Minsi, ko Azahanagura ibyanjye, nanjye, kandi ntazabitekerezaho icyo gihe. Ndizera ko namwe muzabikora. Imana ibahe umugisha.

³³⁶ [Dogiteri Tommy Hicks atanga ibitekerezo bikurikira—Ubwanditsi.]

[Ntekereza ko dushobora kuvuga muri iki gitondo kugira ngo tuvuge muri make ibyavuzwe n'aya magambo: Kristo muri njye ibyiringiro by'icyubahiro. Babwire, nyamuneka. Kristo muri njye ibyiringiro by'icyubahiro.]

[Hano hari ibyinjira n'ibisohoka n'ibigenda hejuru y'ubuzima bwa buri muntu. (Ntabwo ngiye kuvuga.) Mfite ubutumwa. Nizera ko buri Mukristo yabayeho...?... Yesu...?... Umutima wanjye urabyutse muri iki gitondo, kandi nizera ko kuri benshi muri twe hari ibintu bimwe biduhungabanya...?... duhindure abagabo n'abagore beza b'Imana.]

[Babe Ruth yari azwi nk'Umwami wa Homerun. Ariko wari uzi ko Babe Ruth na we yari Umwami w'Igitero? Yatsinze inshuro nyinshi kurenza uko yigeze ayobora urugo. Yanesheje inshuro magana atatu na mirongo itatu; yayoboye gusa ingo magana inani na mirongo itandatu. Ariko igihe cyose Babe Ruth yakubitaga, yasubiraga mu kibuga igihe umusifuzi ushaje

yavugaga ngo: “Urarangije,” asubira ku kidendezi maze akaraba intoki ze afata inkoni ayitunga yerekana uruzitiro, kandi yahoraga avuga ati: “Mbabajwe n’icyo kibindi kiri hariya.”]

[Nta kibi kiri mu kurwana, ariko mwibuke: gufata agacurama...?...kuko Kristo muri nje ibyiringiro by’icyubahiro. Mwongere mubivuge ndabinginze: Kristo muri nje ibyiringiro by’icyubahiro. Ni byose.]

Yego.

[Ni byose.]

Ni byo.

[Ni byose.]

Byose. Amina.

[Haleluya. Gutongana no kurwana ntibizigera bikora akazi. Turi hafi cyane...]

Amina.

[...ku rundi ruhande. Twageze ahantu aho tudashobora kugaruka. Ni kangahe numvise capitaine ahamagara mu ndege: “Ubu tugeze aho tudashobora kugaruka.”]

[Hashize igihe gito numvise ijwi riturutse mu yindi si ryarambwiye riti: “Mwana wanjye, wageze aho utagaruka.” Ibyo bivuze ko ndi hafi yo kugera hakurya kuruta uko ndi aho natangiriye.]

[Muhumirize amaso yanyu, ndabinginze; mwunamishe imitwe yanyu.]

[Data wo mw’Ijuru, muri iki gitondo, mbega uburyo tugushimira kandi tukunezerewe ko dushobora kuvuga tubikuye mu ndiba y’umutima wacu no mu ndiba y’ubugingo bwacu, “Kristo muri nje—Kristo muri nje, ibyiringiro by’icyubahiro.” Yoo, Yesu, zengurutse amaboko Yawe yuje urukundo kuli buri mugabo n’umugore uri hano, kandi icyerekezo cyacu hamwe n’ibitekerezo byacu bizamuke hejuru—hejuru, hejuru kurushaho, hejuru kurenga ibintu by’iyi si, kugira ngo uburyo tubona Kristo, n’abandi babashe kubona Kristo muri twe. Rambura ikiganza Cyawe kuri buri wese muri abo bagaragu Bawe...]

Bitwemerere, Mwami.

[...ibyo birashoboka, mu gihe tuvuye aha hantu muri iki gitondo ko tuzahitamo kutabona ikindi gikiza uretse Kristo wenyine...]

Amina.

[...ni ikaze muri buri wese. Tuzi ko akazi ari—hari akazi gakomeye ko gukora, Yesu; hari umusaruro mwinshi wo gusarurwa.]

Yego, Mwami.

[Yoo, dufashe, Mwami. . .]

Yego, Mwami.

[. . .ko tuzahuriza ibiganza hamwe. . .]

Bitwemerere, Mwami.

[. . .hanyuma winjire mu bisarurwa. . .]

Yego, Mwami.

[. . .gutarura abazimiye ngo bapfe bitararenga.]

Yego, Mwami.

[Ndashaka ko muzamura ibiganza byanyu mugashima Izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo.]. . .? . . .

[Dushobora guhaguruka, ndabasabye. Ndashaka ko muzamura ibiganza mukarimbana nanjye ngo *Ndamukunda*. Mbese muramukunda?]

Amina.

[. . .muri iki gitondo? Mbese muramukunda n'umutima wanyu wose? Muzamure ibiganza turirimbe, twese hamwe ngo, *Ndamukunda*.]

[*Ndamukunda, ndamukunda*]

[Kubera ko yabanje kunkunda]

[Maze ambonera agakiza kanjye]

[I Karuvari ku giti.]

[Mbese mwayiririmba gusa mudasohora ijwi?]

[Murabizi, bakozi bagenzi banjye, muri Arijantine twari dufite abantu barenga ibihumbi magana ane mu iteraniro rimwe; uko ibihe byahitaga twabonaga abantu. Kandi ndibuka nyuma ya saa sita, twari dufite abantu barenga ibihumbi magana ane baririmbaga ibyo mu Cyesipanyoli, nuko baririmba badasohora amajwi, kandi hanze hari abantu barenga ibihumbi magana atatu. Twasabye abantu bari imbere ngo baceceke mu gihe abantu bari hanze baririmba iyi ndirimbo badasohora amajwi. Kandi mu buryo butunguranye, igihe baririmbaga, hari ikintu cyari cyuzuye mu mutima wanjye. Sinari narigeze menya mbere mu buzima bwanjye guhishurwa kwa Kristo muri njye kugeza numvise amagambo y'abantu ibihumbi magana atatu hanze gusa baririmba badasohora ijwi ngo *Ndamukunda* hanze. . .? . . .muri iki gitondo ni ingabo zikomeye z'Umwami w'icyubahiro, kandi barimo kuririmba. Mukunda nde? Ni inde mukunda?]

Yego.

[Kristo, Kristo muri njye.]

Yego.

[Ibyiringiro by'ubwiza. Muhumirize amaso yanyu, muzamure ibiganza byanyu, kandi mwongere muririmbe, buri wese.]

Yego Mwami.

[Ndamukunda, ndamukunda]
[Kubera ko yabanje kunkunda]
[Akambonera agakiza kanjye]
[I Kaluvari ku giti.]

[Niba mumukunda muri iki gitondo, mushyire amaboko yanyu ku bantu batatu cyangwa bane batandukanye; n’abagore babikore batyo; hanyuma muvuge muti: “Nkunda Umwami Yesu Kristo.” Ni byo; mufatane urunana . . .]

³³⁷ Niba nashobora kubona ibi bibaho kw’isi yose, navuga nti: “Mwami, reka umugaragu wawe agende amahoro!” 

61-0425^B Ubumana Busobanuwe
Ikiruhuko Inn
Shikago, Ilinoyisi Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org